

KUGARUKA
KWA
KRISTO

Kuza kwe kunyuranye n'ibijyanye na byo

Inyigisho ishingiye kuri Bibiliya y'Umukozi w'Imana

Ewald Frank

Ibukubiyemo

1. Iriburiro
2. Kugaruka kwa Kristo
3. Ibyo bizasohora koko
4. Ibyifuzo byashohojwe
5. Ijwi ritegeka
6. Ijwi rya marayika ukomeye
7. Impanda
8. Igisabwa
9. Uruherekane rw'ibihe
10. Ingororano
11. Ingoma y'imyaka igihumbi
12. Iherezo ry'igihe

Iriburiro

Impamvu yanteye kwandika iyi nyandiko, ni ukugira ngo abizera benshi bashobore kugira imyumvire myiza y'ingingo zikomeye ariko za ngombwa cyane ku bijyanye no kugaruka kwa Kristo.

Nzi neza ko ingingo zimwe na zimwe zakozweho gato gusa, kuburyo zitasobanuwe ku buryo buhagije. Uwashaka kubandikaho mu buryo burambuye, ibitabo byinshi ntibyaba bihagije. Ariko imirongo ya Bibiliya irenga magan'ane yakoreshejwe mur'iyi nyandiko yar'ikwiye gufasha umusomyi gukomeza kwicukumburira ibyanditswe kugira nfo "arebe nib'ibintu ar'uko biri" (Ibyak.17:11).

Hari ibintu bibiri byakomeje kunyuzuz'ishimwe ubwo nariho nandika iyi nyandiko: icya mbere n'uku Umwami yangiriye Ubuntu akampa imyumvire yimbitse y'Umugambi we w'agakiza; icya kabiri n'uko ntagengwa n'imyizerere yihariye iyo ari yo yose, ku buryo mfite umudendezo wo kwerekana ukuri kwigishwa na Bibiliya nta kindi kivanzemo, ngashyira buri kintu mu mwanya wacyo.

Iyo ndebye ukuntu Imana yangiriye ubuntu bwo kurunguruka mu bitekerezo Byayo no mu migambi Yayo ikomeye ifitiye abari mu isi, nta kindi navuga uretse kurangurura hamwe na Dawidi wanditse Zaburi nkavuga nti: "...*kuko washyirishije hejuru Ijambo ryawe ukarirutisha ibindi byose Izina ryawe ryatwigishije*" (Zab.138:2). Mvuzza kandi akamo hamwe n'intumwa Pawulo nti: "*Mbega uburyo ubutunzi n'ubwenge n'ubumenyi by'imana bitagira akagero!*" (Rom.11:33). Irene, uwo umugaragu w'Imana ukomeye wo mu gihe cyakurikiye icy'intumwa, yaravugaga ati: "*Abo Imana yakunze, yo muremyi wa byose, yagiye ibahishurira umugambi wayo w'agakiza*". Umusizi wahimbaga indirimbo yaravuze ati: "*Ntshcekesha muri jye Mwami, ni cyo nkwingingira, ntshcekesha, kugira ngo nibonere ibitangaza by'Ijambo ryawe!*". **Ibihishwe abanyabwenge n'abahanga, Umwuka wera abihishurira abizez'Iman'uwizera kw'abana bato.**

Nkiri mur'icyo gitekerezo, ndifuriza mbikuye ku mutima abasomyi bose imigisha y'Imana, no kurushaho kugubwa neza no gucukumbura mu mwuka Ijambo rihebuje ry'Imana.

Imana ih'umugisha Ijambo ryayo ry'umugisha mu banyamugisha bayo bose.

Byandikiwe I Krefeld, tariki 1/1988, Umwanitsi.

KUGARUKA KWA KRISTO

Kuza kwe kunyuranye n'ibizaba bijyanye nabyo,

Kimwe n'izindi ngingo zose za Bibiliya, dusanga mu Byanditswe byera amagambo menshi ajyanye n'ibigomba kuba binyuranye, bigomba guhurizwa hamwe mu buryo bukwiriye. Mu by'ukuri, hariho kuza kw'inshi, ariko kugaruka ko ni kumwe gusa, ni ukuvuga igihe Umukwe wo mu ijuru azaza gusanganira Umugeni we wo ku isi mu kirere (1 Tesal.4:3-18) aje kumujyana mu birori by'ubukwe (Ibyah.19:1-10). Umwami yatanze isezerano ati: "*Kandi ningenda nkabategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane, kugira ngo aho ndi namwe ab'ari ho muba*" (Yoh.14:3).

Ibyo bita "*Ukwatura kw'intumwa*", n'ubwo intumwa ntacyo zibiziho kuko byahimbwe mu kinyejana cya kane nyuma ya Kristo, nta n'ubwo havugwamo ibyo kugaruka kwa Kristo. Ibyo kuzamurwa na byo ntibivugwamo, n'ubwo kuzamurwa kw'abizera ari cyo kintu gikomeye kuruta ibindi byose kizaba ku iherezo ry'igihe cy'ubuntu. Ikivugwa gusa mur'uko "*Kwatura kw'intumwa*" ni: "... **uzagaruka gucira imanza abazima n'abapfuye**". Nyamara imanza zo ku iherezo zitwa "**urubanza rwa nyuma**", zizaba nyuma cyane, nyuma y'ingoma y'imyaka igihumbi (**Ibyah.20:11-15**).

Inyigisho zigoramye zijyanye n'iyi ngingo zacengejwe mu bibwirizwa bya Bibiliya mu binyejana bya mbere nyuma ya Kristo, na n'ubu ziracyari mu matorero ya Leta n'ayigenga mu buryo bumwe cyangwa ubundi nk'uko byagiye bihindagurika. Augustini (354-430), ufatwa nk'imwe mu mpuguke mu by'amateka, ndetse n'umwe mubo bise ba Se b'Itorero, yigishije ko ukuvuka ubwa kabiri ari mu mwuka, ko ari wo muzuko wa mbere. Nyamara Pawulo, uwo yavugaga ko yubahaga, we yavuze ko "*umuzuko mu bapfuye*" ari yo ntego yacu iruta izindi (Abafil.3:10-11). Augustini yavugaga ko Satani yamaze kubohwa, ko Itorero ari ryo Bwami bw'imyaka igihumbi, naho ubwiyunge bw'ubutware bwa Leta na Kiriziya, akavuga ko ari yo "Ngoma y'Imana".

Ntabwo tugamije gusuzuma inyigisho zose zazanywe n'abantu mu mateka y'Itorero, ahubwo icyo tugamije ni ukwerekana icyo Bibiliya ibivugaho. N'ubwo ntaho dusanga mu Byanditswe byera aho intumwa n'imwe yaba yarigeze gusobanura ibyo kugaruka kwa Kristo mu bwirizwa byayo mu buryo burambuye, cyangwa ibyo kuza kwe gutandukanye, tugenda tubona ibimenyetso bisobanutse bijyanye na byo mu Byanditswe. Kur'ibyo byose, abizera ba mbere bari baragiriwe ubuntu bwo kwiyumvira ibibwirizwa byinshi bisohoka mu kanwa k'abo Imana yari yarahamagariye kubivuga. Nk'uko Pawulo abyihamiriza ubwe, yashize ahagaragara umugambi w'Imana wose (Ibyak.20:27). Ikigaragara n'uko intumwa mu nzandiko zazo zose zandikiraga amatorero, zafataga ko yose abizi neza, kuko abenshi muri bo babivugagaho mu buryo buhinnye cyane. Kugira ngo rero umuntu agire imyumvire rusange, agomba guhuriza hamwe imirongo yose itatanye, nk'ukobikunze kugenda ku by'Ijambo ry'ubuhanuzi, maze bakayishyira mu mwanya wayo neza.

Uhereye ku Butumwa bwiza bwanditswe na Matayo ukageza mu Byahishuwe, usanga hose kuza kwa Yesu, bivuze kugaruka kwe, ari yo ngingo nyamukuru yo mu Isezerano rishya. Ikindi kandi, ahavuga ibyo kuza kwa Yesu, si ko hose havuga ibyo kugaruka kwe, nta n'ubwo bikurikirana nk'uko azajy'aza.

Urugero ni nk'iyi mirongo ibiri imeze nk'aho isa ariko ikaba ivuga ibintu bibiri bitandukanye rwose, byerekana ko ari ngombwa gusobanukirwa neza ibyo umuntu aba yasomye: Muri **Matayo 25:1-10** havugwa abantu bazaba biteguye ubwo Umukwe azaza kugira ngo **bajyane na we mu birori by'ubukwe**. Muri Luka 12:35-40 ho, havuga abantu bategereje Umwami wabo **uzagaruka** avuye mu birori by'ubukwe. Hagati y'ibyo byombi hazacaho imyaka myinshi, kandi bireba abantu batandukanye rwose, n'uwo hombi hakoreshejwe amagambo amwe, nk'ibirori by'ubukwe, amatabaza, kwitegura n'ibindi...

Ukuza kw'Umwami kwose kugira ibiguherekeza binyuranye. Umuntu yatekereza ukunt'ubuhanuzi burenze ijana bwo mu Isezerano rya cyera kwasohoye igihe Kristo yazaga bwa mbere. Ku bijyanye n'Itorero ryo mu Isezerano rishya, hariho kuza (kwa Kristo, ndl) gutatu kunyuranye: ubwambere, Umwami yaje gucungura abe; ubwa kabiri azaza aje kujyana abe nk'uko yasezeraniye, kugira ngo bajye mu rugo yabateguriye; ubwa nyuma azaza azanye n'abe (**Ibyah.19:11-16**) aje gukanira amahanga akomeye yanga Imana uruyakwiye no gutangiza ingoma ye y'imyaka igihumbi (**Ibyah.20**).

Mur'iyi nyandiko, turi bwite by'umwihariko ku kugaruka kwa Kristo no kuzamurwa kw'Itorero rye; ibyo abizera bese bategereje bafite igishyika kyinshi mu mitima yabo uhereye umunsi yazamutse mu ijuru. Umwami yaravuze ubwe ati: *“nimara kugenda no kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane, kugira ngo aho ndi namwe ari ho muzaba”* (**Yoh.14:3**).

Muri **Matayo 24**, ubwo abigishwa baratiraga Umwami n'Umutware wabo ubwiza bw'urusengero, bagombe kuba baratangajwe n'igisubizo cye: *“n'ukuri, n'ukuri ndababwira yuko nta buye rizasigara rigeretse ku rindi ritajugunywe hasi”* (**Umur.2**).

Nyuma y'iryo jambo ni bwo bamubajije ibibazo bitatu: 1° *“Tubwire, ibyo bizaba ryari?”*; 2° *...kandi ikimenyetso cyo kuza kwawe kizaba ikihe?*; 3° *...n'gihe cy'imperuka?”*

Usomye wese icyo gice yitonze, abona ko Yesu yasubije ibyo bibazo uko ari bitatu. Ku byerekeye kuza kwa kabiri kwe, yaravuze ati: *“Nk'uko umurabyo urabiriza iburasirazuba ugahinguranya iburengerazuba, uko ni ko ukuza kw'Umwana w'umuntu kuzaba kumeze”* (**Mat.24:27**).

“Nk'uko byari mu minsi ya Nowa, ni ko bizaba bimeze igihe Umwana w'umuntu azazira” (**Mat.24:37**).

“... kandi ntibabimenye kugeza ubwo umwuzure waje, bese urabarimbura, uko ni ko ukuza kw'Umwana w'umuntu kuzamera” (**Mat.24:39**).

“Nuko rero mube maso, kuko mutazi isaha Umwami wanyu azazira” (**Mat.24:42**).

“Nuko muhore mwiteguye, kuko Umwana w'umuntu azaza atunguranye” (**Mat.24:44**).

“Nuko bagiye kuyagura, Umukwe araza, abari biteguye binjira mu nzu y'ubukwe hamwe na we” (**Mat.25:10**).

“Nuko rero muhore muri maso kandi musenga, kugira ngo muzaboneke ko mukwiriye kurokoka ibyo byose bizaba, no kuzagaragara muhagaze imbere y’Umwana w’umuntu” (Luk.21:36).

Mu minsi y’intumwa no mu bihe by’abizera ba mbere, har’ibyiringiro bizima no gutegereza gukomeye ukugaruka kwa Yesu Kristo mu mitima y’abizeraga. Ibyanditswe byinshi bya Bibiliya bihamiriza ibyo Byiringiro. Ndabinginze mwongere murebe ibi byanditswe muri mu mwuka w’amasengesho.

*“...ubwo igihe cy’ubuherehere kizaza kivuye ku Mwami, **akaboherereza** Yesu Kristo, uwo mwabwirijwe mbere na mbere” (Ibyak.3:19b-20).*

*“kuko igihe cyose muriye kur’uyu mutsima, mukanywera kur’iki gikombe, muba mwibuka urupfu rw’Umwami kugeza igihe **azazira**” (1Abakor.11:26).*

“...uko mwahindukiriye Imana mukareka ibigirwamana, kugira ngo mukorere Imana nzima kandi y’ukuri, kandi mutegereze Umwana wayo uzava mu ijuru, uwo yazuye akamuvana mu bapfuye, Yesu Kristo uzadukiza umujinya ugiye kuza” (1Abates.1:9-10).

*“Ese ibyiringiro byacu ni ibihe, cyangwa se umunezero wacu cyangwa ikamba ryo kunezerwa kwacu ni irihe? Ese si ukuzagaragara imbere y’Umwami wacu igihe **azazira**?” (1Abates.2:19).*

*“Kuko Umwami ubwe **azamanuka** avuye mu ijuru n’ijwi rirenga, n’ijwi rya marayika ukomeye, n’impanda y’Imana” (1Abates.4:16).*

*“Nuko Imana y’amahoro ibeze rwose, kandi ndasaba Imana kugira ngo umwuka wanyu n’ubugingo, n’imibiri yanyu birindwe bitariho umugayo kugeza ubwo Umwami wacu Yesu Kristo **azazira**” (1Abates.5:23).*

*“Noneho rero turabingana bene Data ku bwo **kuza** kw’Umwami wacu Yesu Kristo, no guterana kwacu hamwe na we” (2Abates.2:1).*

“...kugira ngo urinde iri tegeko ritagira ubusembwa cyangwa umugayo, kugeza igihe Umwami wacu azagaragarira” (1Tim.6:4).

*‘Uhereye none, mbikiwe ikamba ryo gukiranuka, iryo Umwami, umucamanza ukiranuka, azampa kur’urya muni, ariko si jye gusa, ahubwo ni abakunze **kuza** kwe bese” (2Tim.4:8).*

*“Hasigaye igihe gito, ugomba kuza **akaza**, kandi ntazatinda” (Abah.10:37).*

*“Nuko rero bene Data mwihangane, kugeza igihe Umwami **azazira**... mukomeze imitima yanyu, kuko kuza kw’Umwami kwegereje” (Yak.5:6-7).*

*“kuko tutakurikiye imigani yateguwe neza ubwo twabamenyeshaga imbaraga no **kuza** kw’Umwami wacu Yesu Kristo...” (2Pet.1:16).*

*“Mubanze mumenye y’uko mu bihe bya nyuma hazaza abakobanyi bagenda nk’uko irari ryabo rimeze, bavuga bati: mbese izezerano ryo **kuza** kwe ririhe?” (2Pet.3:3-4)*

“Bakundwa, ubu noneho tur’abana b’Imana, ariko uko tuzasa ntikurahishurwa, ariko icyo tuzi n’uko ubwo Umwami **azahishurwa** tuzasa na we kuko tuzamubona uko ari” (1Yoh.3:2).

“Nk’uko bose bapfa muri Adamu, niko na none bose bazaba bazima muri Kristo; ariko bur’umwe mu kigero cyo: Kristo nk’imbuto y’umuganura, hanyuma abari muri Kristo babone gukurikira igihe **azaza**” (1Abak.15:22-23).

Ibyo koko bizaba

Uru rutonde rw’imirongo myinshi ya Bibiliya ruratwereka agaciro k’icyo kintu gikomeye. Nyuma gato, intumwa zikimara gupfa, hari abagabo bahereyeko baduka, maze ibyo kugaruka kwa Kristo babihindura iby’umwuka. Uyu muni na none ni ko biri. Abantu barapfa ariko imyuka ntabwo ipfa. Igihe cyose ifata abantu bose biteguye gukwirakwiza inyigisho z’ibinyoma. Inyigisho ya kidini ivuga ko ingoma y’Imana yashyizweho muri 1914 irazwi neza. Uko ni ko n’izindi nyigisho zishyiraho amatariki zakomeje gukwirakwizwa, haba mbere cyangwa nyuma y’ayo matariki. Invugo y’ibya “paruziya ya Kristo” iramenyerewe: ababyigisha bavuga ko Kristo yamaze kugaruka, ko ubu arimo aca imanza, n’ibindi nk’ibyo. Kugaruka kwa Kristo barongera kugugira na none ukw’umwuka; kandi abavuga ibyo bahamya ko bafite uguhishurirwa *kudasanzwe*, ukwizera *kudasanzwe*, n’iki *kidasanzwe*, na kiriya *kidasanzwe*, bakongeraho ko ibyo bigomba kumenywa gusa n’abantu nyine *badasanzwe* bagize uwo mutwe wabo. Igihe cyose ni ko bigenda. Ibyo babibwiriza bafite ibinezaneza byinshi, abantu ntibamenye ko baba bajyanwa kure y’ukuri, bakamburwa ibyiringiro byabo by’agaciro gakomeye. N’ubwo invugo nk’iyo yumvikana nk’aho ar’iy’umwuka cyane, n’ibinyoma kandi irayobya. Iryo jambo *parousia/paruziya* ryo mu rurimi ry’Ikigiriki ubwaryo, risobanura ko *umuntu aba ahibereye*, rikoresha ku muntu wamaze kuza akaba yahageze. *Para-ousia* bivugwa ku *kintu gihari*. Urugero ni nk’iyo perezida wa Amerika yinjiye mu ngoro ye yitwa “Maison blanche”, ibyo ni byo biba bibaye *paruziya*. Ntabwo *parousia* ar’ibyo umuntu aba yishizemo gusa, ahubwo *parousia* iba ar’uko umuntu yamaze kuhagera, ubwe agaragara n’umubiri we uhari. Ibyo bisobanura ko nta *parousia* ya Kristo ishobora kubaho mugihe w’ubwe atiyiziye n’umubiri we. Inyigisho nk’iyo mu by’ukuri nta shingiro ifite. Ubwo yazaga bwa mbere ari byo byiswe “*epiphania*”/epifaniya (*parousia* ye ubwo yazaga bwa mbere), yaraje koko, kandi yar’ahibereye. No kugaruka kwe ni ko kuzaba kumeze, aziyizira ubwe n’umubiri we. Inyigisho ya *parousia* ivuga ko Kristo aza ariko ntagaragare ubwe, nta shingiro ifite kandi ntabwo ishingiye kuri bibiliya. Kugaruka kwa Kristo n’ibindi bigomba kubiherekeza ntabwo ar’ibiyumviro by’abantu cyangwa inyigisho gusa, ahubwo ni ibintu bigomba kuba. Pawulo yaranditse ati: “*Reka mbamenere ibanga, ntabwo twese tuzasinzira, ahubwo twese tuzahindurwa*” (1Abakor.15:51). Umuntu wese yakwisomera Matayo 17 uhereye ku murongo wa 2 icyo guhindurwa bishaka kuvuga n’uko bimera. “*Yesu yahinduriwe imbere yabo; mu maso he habengerana nk’izuba, imyambaro ye iba umweru nk’umucyo.*” Yohana na we ni ko yamubonye ameze, ubwo yar’ari ku kirwa cya Patimosi: “*Umutwe we n’umusatsi we*

byar'umweru nk'ubwoya bw'intama, nk'urubura, amaso ye yar'ameze nk'indimi z'umuriro" (Ibyah.1:12-18).

Uko ni ko guhindurwa bizaba bimeze *"uku kubora kwambaye kutabora, n'igipfa kikambara kudapfa"* (1Abakor.15:53). Mur'uwo mubiri no mur'ubwo butungane, nta byo gusaza bizaba bikiriho, hazaba hariho itoto ry'iteka ryose. Muri Yobu 33:23-28, tuhasanga naho igitekerezo cy'uko tuzahindurwa kugira ngo dusubirane ubuto bwacu. Aho tuhasoma iby'inshungu n'umurengezi: *"inyamibwa imwe mu gihumbi"*. Ku murongo wa 24, hasobanurwa inshungu yabonetse. Ku murongo wa 25, hakavugwa ko abatoranijwe basasubizwa mu minsi y'ubuto bwabo; ku murongo wa 26 ho, havuga ko bazasaba Imana nayo ikabagirira ibambe. Ni byo, tuzasubizwa itoto ryo mu buto bwacu mu mibiri y'umuzuko. Guhindurwa bizaba, *"mu kanya nk'ako guhumbya kw'ijisho, ku ijwi ry'impanda ya nyuma, kuko impanda izavuga, abapfuye bazuke ubutazongera kubora, maze natwe duhindurwe"* (1Abakor.15:52).

Ibi bintu bikomeye ntabwo bireba abazaba bakiriho icyo gihe gusa, ahubwo bireba n'abatubanjirije bagiye bafite ibyo byiringiro by'ubwiza. Yobu na we yavuze iby'umuzuko mu kwizera ati: *"ariko jy'ubwanjye nzi yuko umucunguzi wanjye ari muzima, kandi ko ku iherezo azahagarara ku isi. Kandi uruhu rwanjye nirumara kubora, nzareba Imana mfite umubiri"* (Yobu 19:25-26).

Abasinziririye muri Kristo bazahabwa imibiri y'umuzuko igihe Umwami azaza, nk'uko byanditswe, *"No kuzuka kw'abapfuye ni ko kuri: umubir'ubibwa ar'uwo kubora, ukazazuka ar'uwo kutabora ku muzuko w'abapfuye, ubibwa ufite igisuzuguriro, ukazazuka ufite ubwiza, ubibwa udafite intege ukazazuka ufite imbaraga; ubibwa ar'umubiri wa kavukire ukazazuk'ar'umubiri w'umwuka. Niba harih'umubiri wa kavukire, hariho n'umubiri w'umwuka"* (1Abakor.15:42-44).

"Uko twizera ko Yesu yapfuye kandi akazuka, ari ko twizera yuko Imana izazanana na we abasinziririye muri we" (1Abates.4:14). Uwigisha wese ko Kristo yamaze kugaruka, agomba no kutubwira aho abo Imana yagombaga kuzanana na we bari. Ikindi kandi, inyigisho nk'iyi yaba ishatswe kuvuga ko abakiri bazima babanzirije abapfuye, ibyo bikaba bivuguruza ibyanditswe: *"iki ni cyo tubabwira tukibwirijwe n'Ijambo ry'Umwami wacu, ko twebwe abazaba bakiriho, basigaye kugeza ku kuza kw'Umwami ntituzabanziriza na hato abasinziririye. Kuko Umwami ubwe azaza amanutse ava mu ijuru n'ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye, n'impanda y'Imana, nuko abapfiriye muri Kristo ni bo bazabanza kuzuka, maze natwe tuzaba tukiriho twasigaye tuzahereko tujyanwe hamwe nabo, tujyanwe mu bicu gusanganira Umwami mu kirere"* (1Abates.4:15-17).

Murebe ko Umwami atazagaruka ku isi, ahubwo abanesheje, bazaba barasinziririye muri Kristo, bazabanza bazuke, maze abazaba bakiriho nabo bahindurwe, hanyuma bose hamwe bajyanwe gusanganira Umwami mu kirere *"..nuko tuzabana n'Umwami iteka"* (1Abates.4:17).

Umwami ari hamwe natwe mu buryo bw'Umwuka mu gihe cyose cy'Ubuntu nk'uko yasezeraniye. Ari hamwe n'abe, kandi aho ababiri cyangwa batatu bateraniye mu Izina rye,

aba ari hagati yabo. Ku munsu wa pantekote yaje mu mwuka, aza kuba mu bacunguwe, nk'uko yabisezeraniye (Yoh. 14:18). “...nuko itwicaranya nawe mu ijuru mu buryo bw'umwuka, turi muri Kristo yesu” (Abef.2:6). Abizera nyakuri ni abashyitsi n'abimukiira ku isi, bashaka umurwa uhebuje wubatswe n'Imana. Ariko na none, “ni abo mu bwoko bumwe n'abera, abo mu nzu y'Imana” (Abef.2:19).

Ubwo Kristo azagaruka, abagenewe kuba mu bwiza bw'Imana, baba basinziriye cyangwa ari bazima, bazahabwa ukudapfa ku bw'imbaraga z'Imana kandi bazazamurwa kugira ngo bajye kumusanganira mu kirere. Bose, uherye ubwo yazaga bwa mbere ukageza igihe azagarukira, abazaba barizeye by'ukuri Ijambo ryo mu gihe cyabo rikaba rizima muri bo, bazasanganira Yesu Kristo wari ibyiringiro byabo by'ubwiza. Amina! dore uko Pawulo abivuga: “ubu nzi neza yuko mbikiwe ikamba ryo gukiranuka, iryo Umwami wacu, umucamanza ukiranuka, azampa kur'urya munsu, nyamara si jye jyenyine, ahubwo ni abakunze kuboneka kwe bese” (2Tim.4:8). Muri buri gisekuruza cy'itorero, hagiye habonekamo abizeye ibyo Umwuka yabwiraga amatorero kandi bizera ko Umwami yagombaga kugaruka mu gihe cyabo. Bakoresha ijambo “*Maranatha*”- Umwami araje, kubera ko urukumbuzi rwo kumutegereza rwari rwinshi cyane mu mitima yabo. Basengaga bagira bati: “*Ngwino Mwami Yesu*”. Ntabwo bibeshyaga, ntabwo bibeshye. Gusa baratubanjirije none barategereje kugeza ubwo bese bazaba bamaze kugera mu Bwami bw'Imana. Ubu ku iherezo ry'igihe, ubwumvikane bwuzuye hagati y'Umukwe n'Umugeni burimo buragerwaho, kugeza ubwo ku iherezo Umukwe n'Umugeni bazaba bavugaga bimwe (Ibyah.22:17).

Abatoranijwe bo mu Isezerano rya cyera bazukanye na Kristo (Mt.27:51-54). “*Abo bese, n'ubwo bamaze guhamirizwa neza ku bwo kwizera kwabo, nyamara ntibahawe ibyasezeranijwe, kuko Imana yatugambiririyeho ikirushijeho kuba cyiza kugira ngo abo badatunganywa rwose tutari kumwe*” (Abah.11:39-40). Bose bari muri paradiso, bategereje igihe abasigaye bese bazatunganirizwa rwose. Maze hamwe n'intore zo mu Isezerano Rishya, bese bazicarana mu bwiza, mu birori by'ubukwe. Umwami wacu ni byo yavugaga igihe yavuze ati: “*Kandi ndababwira y'uko benshi bazava iburasirazuba n'iburengerazuba, bicarane n'Aburahamu, Isaka an Yakobo mu bwami bwo mu ijuru*” (Mt.8:11).

Gusohora kw'ibyifuzwaga

“*Kuko ibyaremwe byose bitegereje bifite amatsiko yo guhishurwa kw'abana b'Imana, ... kandi si byo gusa, ahubwo natwe abafite umuganura w'Umwuka, tunihira mu mitima yacu dutegereje guhindurwa abana b'Imana, ari ko gucungurwa kw'imibiri yacu*” (Abar.8:19+23)

Nk'uko byanditswe mu Itangiriro 1: 27 “*Imana yaremye umuntu mu ishusho yayo, mu ishusho y'Imana ni yo yabaremyemo.*” Uku kuremwa kwari mu mubiri w'umwuka. Nyuma nibwo Imana yakoze umuntu mu gitaka “*nuko Imana ibumba umuntu mu mukungugu w'ubutaka...*” (Itang.2:7). Umuntu yaguye ari mur'uwo mubiri w'inyama. Ni yo mpamvu Imana ifite umubiri w'umwuka yagombye kuba umuntu mu mwana kugirango iducungure uyu mubiri w'urupfu, maze idusubize muri kamere y'abana b'Imana no mu busabane hamwe na yo. Amaherezo, tuzaba turi mu ishusho yayo, mu mubiri w'Umwuka. “*abo yamenye cyera*

yabatoranirije gusa n'ishusho y'umwana wayo” (Abar.8:29). “Umuntu wa mbere yaturutse mu butaka ar'uw'ubutaka, naho umuntu wa kabiri, yaturutse mu ijuru. Nk'uko uw'ubutaka ari, ni ko n'abandi b'ubutaka bari, kandi n'uko uw'ijuru ari, ni ko n'abijuru bandi bari. Kandi nk'uko twambaye ishusho y'uw'ubutaka, ni ko tuzambara n'ishusho y'uw'ijuru” (1Abakor.15:47-49).

Abizera by'ukuri bose bategereje n'ubwuzu bwinshi kuzagira uruhare mu muzuko wa mbere, no guhindurwa kw'imibiri yabo no kuvanwa kur'iyi si bakajyanwa mu bwiza bw'Imana. *“Kuko twakijijwe, dufite ibyiringiro. Ariko rero ibyo umuntu yiringira iyo byabonetse, ntibiba bikiri ibyiringiro. Ninde se wakwiringira icyo amaze kubona?” (Abar.8:24).* Binyuze mu murimo wo gucungura wakorewe rimwe rizima ku musaraba w'i Kaluvari, twasubijwe mu by'ukuri uko twari tumeze mbere yo kugwa. Twamaze gucungurwa byuzuye, icyo dutegereje ni uguhindurwa kw'uyu mubiri. Pawulo yavuze icyifuzo cye cyo kuzagira uruhare mu muzuko wa mbere, mur'uyu murongo: *“kugira ngo mumenye, menye n'imbaraga zo kuzuka kwe, no gufatanya imibabaro ye, no kujya nshushanywa no gupfa kwe, kugira ngo ahari ngere ku muzuko w'abapfuye” (Abaf.3:10-11).* Nk'uko ari ukuri ko umubiri w'iyi si ujyanwa mu mva, ni nako ari ukuri ko umubiri w'umwuka uzazuka. Abizera nyakuri bazaba bakiriho ubwo Yesu Kristo azagaruka, bazahindurwa, bahabwe imibiri y'umuzuko. *“Bakundwa, ubu turi abana b'Imana, ariko uko tuzamera ntikurerekanwa. icyakora icyo tuzi ni uko Yesu niyerekanwa, tuzasa nawe kuko tuzamureba uko ari” (1Yoh.3:2).* Yesu Kristo Umwana w'Imana, wabambwe agahambwa, yazutse afite umubiri ku munsi wa gatatu. Nyuma yabyo yamaranye iminsi mirongo inne n'abigishwa be, abigisha ibijyanye n'ubwami bw'Imana. Yasangiye nabo, asabaana nabo (Luka 24:36-49; Ibyak.1:3). *“Abajyana hanze abageza i Betaniya, arambura amaboko abaha umugisha. Akibaha umugisha, atandukanywa na bo, ajyanwa mu ijuru” (Luk.24:50-51).* *“Amaze kuvuga atyo, azamuka bakimureba, igicu kiramubakingiriza. Bakiraramye batumbiriye mu ijuru akigenda, abagabo babiri bababonekera bahagaze iruhande rwabo, bambaye imyenda yera. Barababaza bati “Yemwe bagabo b'i Galilaya, n'iki gitumye muhagaze mureba mu ijuru? **Yesu ubakuwemo akazamurwa mu ijuru, azaza atyo nk'uko mumubonye ajya mu ijuru” (Ibyak.1:9-11).***

Nk'uko byamaze kuvugwa, kugaruka kwa Yesu Kristo kuzaba ar'impamo, ntabwo bizaba imikino ya kidini, bizaba ikintu kidashidikanywaho, giherekejwe n'ibimenyetso bigaragara bizaherekeza icyo kintu gikomeye kizaba ku iherezo ry'igihe cy'ubuntu. Ibyo twasomye muri Luka 17:34-36, bizaba ikintu kizasharirira benshi: *“Ndababwira y'uko mur'iryo joro, ababiri bazaba baryamye ku buriri bumwe, umwe azajyanwa undi asigare. Abagore babiri bazaba basera hamwe, umwe azajyanwa undi asigare. Ababiri bazaba bari mu murima umwe, umwe azajyanwa undi asigare.”*

Ijwi rirenga

Nk'uko byanditswe muri 1Abates.4:16, hari ibintu bitatu bizaba igihe Umwami azagaruka: 1) Ijwi rirenga, 2) ijwi rya marayika ukomeye, 3) Impanda y'Imana. Ibi byose bizaba ubwo Umwami azaba arimo amanuka aje kujyana mu bwiza bwe abo yacunguye. Umuntu ashobora

gusoma muri Yohana 11, ukuntu ijwi rye rirenga ryategekaga. Ibyo byabaye mu gihe cy'ubukozzi bwe akiri ku isi: *“amaze kuvuga ibyo, arangurura ijwi rirenga ati “Lazaro, sohoka.” Uwari yapfuye arasohoka, aza azingazingiye mu myenda amaguru n'amaboko, n'igitambaro gipfutse mu maso he. Yesu arababwira ati “nimumuhambure mumureke agende.” (imir.43-44).* Ubwo Umwami wacu yaragiye guca, yatatse n'ijwi rirenga, *“n'uko umwenda wo mu rusengero utabukamo kabiri... maze isi ihinda umushyitsi, ibitare birameneka n'imva zirafunguka, maze imibiri myinshi y'abera bari barasinziye irazuka” (Mat.27:50-52).* Muri Yohana 5:25, aravugaga ati, *“n'ukuri, n'ukuri ndababwira y'uko, igihe kiraje, ndetse cyamaze gusohora, ubwo abapfuye bazumva ijwi ry'Umwana w'Imana; kandi abazaryumva bazabaho.”* Ijambo ry'Umwami wacu rirategekaga; ni Ijambo ry'Ishobora byose. icyo avuze cyose kiraba, kandi icyo ategutse cyose kiraboneka. Ntabwo Ijambo rye ryigera rigaruka ubusa, ahubwo risohozza icyo ryatumwe. Mu by'ukuri, Imana ikomerasha byose Ijambo ryayo ry'imbaraga (Abah.1:3). Ijambo “ijwi rirenga” ryakoreshejwe mu rurimi rw'ikigiriki riri muri 1Abates.4:16, rikomoka mu mvugo ya gisirikare kandi risobanura ijambo ritegekaga. Ibi bizaba agitangira kumanuka ava mu ijuru. Ijambo “ijwi rirenga” rinasobonurwa ko ari ‘ugutaka gutegekaga’; abasinziye bazahamagarwa n'iryo jwi rirenga. Nyuma yaho, nibwo imibiri y'abazaba bakiri bazima muri Kristo izabona ihindurwe. Ibi ni byo bizerekana ubutware n'ububasha by'Umwami w'abami, kuko ar'Umwami ugenga abazima n'abapfuye. Mu Baheburayo 12:26, tuhasoma ko *“... uwo ijwi rye ryanyeganyeye isi icyo gihe; ariko noneho irasezeraniye iti: hasigaye rimwe ngatera isi igishyitsi, ariko si yo yonyine ahubwo n'ijuru naryo”.* Muri Matayo 25, tubwirwa iby'ijwi rirenga rihamagara mu gicuku hagati, mbere y'uko Umukwe aza, *“Dore Umukwe araje, nimuhaguruke mujye kumusanganira.”* Iri ni ryo jwi rikomeye rya nyuma ku isi, rivugaga kugira ngo rikangure abasinziye mu mwuka mu gihe cyo kugaruka kwa Kristo. Abakanguka, bategura amatabaza yabo maze bakitegurira kuza kw'Umukwe. Iri jwi rirenga rizagira ingaruka ku bari bose, baba abanyabwenge cyangwa abapfapfa: *“nuko abari bose barakanguka bategura amatabaza yabo” (Mat.25:7).* Abapfapfa nabo bazafata inzira bajye gusanganira Umukwe, ariko ni bwo bazabona ko badafite amavuta ahagije yo kubagezayo, ari yo mpamvu badashobora kwinjira mu cyumba cy'ubukwe. Dukwiye kugereranya ijambo “ijwi rirenga” ryo muri Matayo 25:6 risobanura mu rurimi rw'ikigiriki “ijwi rikangura” abasinziye mu buryo bw'umwuka, hamwe n'ijambo “ijwi ryrangurura” rikoreshejwe muri 1Abatesalonika 4:16. Umuntu yakwibonera ko ari amagambo abiri atandukanye rwose akoreshejwe. “Ijwi rirenga’ ryo muri Matayo 25 risobanura “ubutumwa bwihutirwa” buzaba buri hagati y'abizera bazaba bakiriho icyo gihe ku isi. Naho ijwi ryo muri 1Abatesalonika, rizaba ari itegeko, ubwo Umwami azaba arimo amanuka ava mu ijuru, ahamagarira kuzuka abazaba basinziye.

Nta gushidikanya na guto ko ijwi rirenga ryo muri Matayo 25 ririmo kumvikana ubu. Ni ubutumwa bwa nyuma bukangura abizera mbere yo kugaruka kw'Umwami. Abo bumva Ijambo rizima ry'Imana kandi barya manu ishyushe – ari yo Ijambo ryasezeraniye ry'uyu muni. Ubutumwa bw'Imana ni Ijambo ry'igihe ririmo amasezerano y'iki gihe cya nyuma. Abizera ubu bihwanye n'Ibyanditswe, bityo bakaba bari ku ruhande rw'Imana, ni bo bazasohorezwamo amasezerano.

Ku bijyanye n'intumwa yoherejwe mbere yo kuza kwa mbere kwa Kristo, dusoma ko ari "... ijwi ry'urangurura mu butayu..." (Yes.40:3). Buri musomyi wa Bibiliya azi neza ko aya magambo y'ubuhanuzi yasohoreye mu bukozi bwa Yohana mubatiza. Na we ubwe yarihamirije ati: "*Nd'ijwi ry'urangurura mu butayu: nimutegure inzira y'Uwiteka, nk'uko byavuzwe n'umuhanuzi Yesaya*" (Yoh.1:23).

Non'ubu mbere y'uko Kristo agaruka, ubutumwa bw'Ijambo ryahishuwe (bwabwirijwe binyuze mu bukozi bw'intumwa y'igisekuruza cya nyuma cy'itorero cya Lawodikiya) na n'ubu buracyarangurura bubwirizwa. Ijwi rirenga ririmo rirakomeza kumvikana, kandi abaryitaho barakanguka bakava mu bitotsi byabo, bagatunganya amatabaza yabo. Abari b'abanyabwenge barimo baruzuzwa amavuta mu mperezo zabo. Bafite Ijambo hamwe n'Umwuka. Basobanukiwe y'uko Imana irimo kurangiza umurimo wayo, bakaba bitwararika ubutumwa bw'igihe, ari ryo Jambo ry'ubuhanuzi ry'igihe cyacu. Uko ni ko barimo gutegurirwa uwo munsu uhebuje.

Yohana mubatiza war'integuza yo kuza kwa mbere kw'Umwami wacu, yaravuze ati: "*Umugeni n'uw'umukwe; ariko inshuti y'umukwe iri aho ikaba imwumva, ishimishwa cyane no kumva ijwi ry'umukwe. Uwo ni wo munezero wanjye kandi uruzuye*" (Yoh.3:29). Uko ni ko umugeni agomba kumva ijwi ry'umukwe, ari ryo Jambo rikubiyemo amasezerano yose y'iki gihe cyacu. Nk'uko hariho ubutumwa bw'ubuhanuzi ubwo Kristo yazaga bwa mbere, ni ko n'ubu mbere y'uko aza ubwa kabiri, dufite ubutumwa bw'ubuhanuzi. Iryo ni ryo jwi rirangurura ririmo kumvikana mur'iki gihe – ni Ijambo ryasezeranijwe ry'igihe cyacu, ari bwo butumwa bw'igihe butumenyeshya amabanga yose yari ahishwe mu Ijambo ry'Imana, ayo umugeni yari akeneye kumenya yose.

Ijwi rikangura abasinziriyeye mu mwuka, guhamagarirwa gusohoka no gutegurwa, bigomba kuba mbere y'uko Umwami aza. Intumwa Yohana, ubwo yari ku kirwa cy'i Patimo, imaze kubona uko umugeni azaba ameze, yaranditse iti "*Reka twishime, tunezerwe kandi tumuhe icyubahiro, kuko ubukwe bw'Umwana w'intama busohoye, kandi umugeni we yamaze kwitegura*" (Ibyah. 19:7).

Ijwi rya marayika ukomeye

Ibyavuzwe ku ijwi rya marayika ukomeye muri 1Abatesalonika 4:16, na byo bifite akamaro gakomeye. Abamarayika ni "*imyuka yoherezwa gukora umurimo wo gufasha abazaragwa agakiza*" (Abah.1:14). Igihe cyo kuzamurwa, Umucunguzi azajyana abo yacunguwe mu bwiza bwe, ubwo ni bwo Satani n'abamukurikiye bose bazajugunywa ku isi. Ibi ni byo bizasohozwa ibyo Yohana yabonye bitaraba, ariko akabisobanura nk'aho byari byamaze kuba: "*Nuko haba intambara mu ijuru. Mikayili n'abamarayika be batabarira kurwanya cya kiyoka, ikiyoka na cyo kirwanana n'abamarayika bacyo, ntibaneshya, mu ijuru ahabo ntihaba hakiboneka ukundi. Cya kiyoka kinini kiracibwa, ari cyo ya nzoka ya kera, ari we umwanzi na Satani, ari cyo kiyobya abari mu isi bose. Nuko kijugunywa mu isi, abamarayika bacyo bajugunywana nacyo*" (Ibyah.12:7-9). Umucunguzi wacu yanesheje Satani rimwe rizima hamwe n'imbaraga mbi zose. "*Imaze kunyaga abatware n'abafite ubushobozi, ibahemura ku*

mugaragaro, ibivuga hejuru ku bw'umusaraba” (Abakolos.2:15). Yanesheje urupfu n'ikuzimu, anyaga ububasha bwo kunyaga, maze azukan'intsinzi ku munsu wa gatatu! “*Witinya, nd'uwambere n'uwanyuma: ndi Uriho, ariko nari narapfuye; dore ndiho iteka ryose, Amina; mfite imfunguzo z'urupfu n'iz'ikuzimu*” (Ibyah. 1:17-18).

Satani aracyar'umurezi wa benedata. Niyo mpamvu Kristo, Umuhuza w'Isezzerano rishya, akir'Umutambyi mukuru, atuvugira, kugez'ubwo Itorerero-Mugeni rizuzura. Igihe abacunguwe bose bazagaragara imbere y'Imana nta kizinga cyanga umunkanyari bibarangwaho, Satani ntabwo azaba agishobora kubarega ukundi! icyo gihe ni bwo azahananturwa akajugunywe hasi hamwe n'ingabo zamukurikiye.

Nkuko twabibonye mu Byahishuwe 12:7-9, Mikayiri marayika ukomeye, ni we uzarangurura ijwi kugira ngo yereke umwanzi wanesheshejwe aho imbaraga ze zigarukira. N'ubundi ni Mikayiri warwaniye na Satani umubiri wa Mose (Yuda 9). Na none niwe uzahaguruka ku iherezo kugirango arwanirire abana b'Isirayeri, nk'uko byanditse, “*icyo gihe, Mikayiri azahaguruka, Umutegetsu ukomeye urengera abana b'ubwoko bwawe*” (Dan.12:1).

Ntibyantangaza ko yaba ari we wavuzwe mu Byahishuwe 20:1-3, uzafata Satani akamujugunya mu rwobo rutagira iherezo mbere y'uko ingoma ya Kristo y'imyaka igihumbi itangira. Inyigisho ivuga ko marayika ukomeye Mikayiri yaba ari Kristo nta shingiro ifite. Ukuri ni uko Yehova wo mu Isezzerano rya cyera ari we Yesu wo mu Isezzerano rishya, ni we Mwami umwe, udahinduka, ejo, none, n'iteka ryose. Mikayiri na Gaburiyeri uko bari mu Isezzerano rya cyera ni ko bakiri no mu Isezzerano rishya.

Ntabwo bikenewe ko Uwanesheje i Karuvari yongera kurwana n'imbaraga z'umwanzi zaneshejwe zikirwanira mu kirere (Abef.6:10-17). “... *Ubu ategereje ko abanzi be bashyirwa munsu y'ibirenge bye*” (Abah.10:13). Igihe Umukwe azagaruka, azaba ashishikajwe gusa n'Umugeni we. Nta zindi nshingano azaba afite icyo gihe.

Gaburiyeri akunze kuvugwa iyo hari ubutumwa cyangwa amakuru akomeye ajyanye n'umugambi w'agakiza agomba gutangwa (Dan.8:16; Dan.9:21). Gaburiyeri ni we wamenyesheje Zakariya ibyo kuvuka kwa Yohana Mubatiza (Luk.1:19), ndetse na Mariya ni we wamubwiye ibyo kuvuka kw'Umwami n'Umucunguzi wacu (Luk.1:26). Mu ntambara (iri imbere) yo kurwanya umwanzi hamwe n'ingabo ze, Mikayiri ni we uzabanesha.

Abari mu Mugeni ni bo bonyine bazazamurwa nk'uko byanditswe “... *nuko abari biteguye binjirana na we mu birori by'ubukwe*” (Mat.25:10). Satani ntazashobora kunyura mu muryango kuko Yesu Kristo ari we Rembo. We yinjirira ahandi kuko ari igisambo n'umujura (Yoh.10:1), ariko azajugunywa hanze.

Muri Matayo 22, tuhasanga ibyerekeye ifunguro ryo mu bukwe n'abatamirwa bazaba bahari. “*Nuko Umwami aje kureba abatamirwa, abona umuntu utari afite imyambaro y'ubukwe. Nuko aramubwira ati: nshuti yanjye, wageze han'ute udafite imyenda y'ubukwe? Abura icyo avuga. Nuko Umwami abwira abagaragu be ati: mumuhambire amaboko n'amaguru maze mumujugunye mu mwijima wo hanze; ahar'ukuboroga no guhekenya amenyo*” (imirongo ya 11-13). Hari abasitazwa n'uko Umwami wacu yakoresheje ijamba “Nshuti yanjye”. Nyamara uko ni ko Yesu yabwiye Yuda uwamugambaniye, uwo Satani yari yinjyemo, “*Nshuti, n'iki*

kikuzanye?” (Mat.26:50). Satani ashobora kwiyerekana yambaye ibyera nka marayika w’umucyo, ariko nta kuntu ashobora kubona imyambaro y’ubukwe. Umugeni wenyine ni we uzagira amahirwe yo kwambikwa *“imyenda yera, itunganye rwose kandi ibengerana; kuko imyenda yera ari imirimo myiza y’abakiranutsi”* (Ibyah.19:8).

Ku bw’abanesheje, dusoma ibikurikira *“bamunesheje kubw’amaraso y’Umwana w’intama, n’amagambo y’ubuhamywa bwabo; ntibakunda ubuzima bwabo kugeza ku gupfa”* (Ibysh.12:11). Niba dukurikira by’ukuri Yesu Kristo nk’abana b’Imana bumvira, twageze ikirenge cyacu mu cya Kristo. Uko ni ko ibyanditswe bikurikira bisohozwa natwe kandi bigasohorera muri twe: *“nta n’umwe uriho ku bwe nk’uko nta n’umwe upfa ku bwe. Niba turiho, turiho ku bw’Umwami, kandi niba dupfa, dupfa ku bw’Umwami”* (Abarom.14:7-8). Pawuro hamwe n’abandi bapfanye na Kristo bashoboraga kuvuga bati *“niba ndiho si jye uriho ahubwo ni Kristo uriho muri jye”* (Abag.2:20). Ntabwo bihagihe kubibwiriza, kubiririmba cyangwa kubivugaho, bigomba guhinduka bizima mu bugingo bwacu niba twifuzaga kuzinjira mu bwiza bwe.

IMPANDA

Nk’uko byanditswe mu 1Abatesalonika 4:16, impanda izavugaga ubwo Umwami wacu azagaruka. Iyi ntabwo ari impanda isanzwe, ahubwo ni impanda y’Imana. Mu Isezerano rya cyera, impanda yavuzwaga iyo habaga habaye ikintu kidasanzwe. Igihe Uwitwaga yamanutse ku musozi Sinai, abantu babonye imirabyo kandi bumva inkuba zikomeye ndetse n’ijwi ry’impanda (Kuva 20:18). Yubire, umwaka wa 50, igihe buri muntu yari afite uburenganzira bwo kubaturwa, yatangazwaga n’ijwi ry’impanda ku munsu w’imponzani (Abarewi 25:9).

Igihe cyose dusomye mu byanditswe ku bijyanye n’ijwi ry’impanda, tubona ko yakunze kuvuzwa ar’uko hari ibintu bidasanzwe byabaye. Ni nako dusoma ku bijyanye n’impanda y’Imana izavugaga igihe cyo kugaruka kwa Yesu Kristo. icyo gihe, Umwami azaba ashoje umugambi we uhambaye wo gucungurwa kw’intore ze! Kristo azagaruka icyo gihe nk’uko yazamutse ajya mu ijuru. Muri Zaburi 47:6 dusoma ibikurikira: *“Imana izamukanye impundu, Uwitwaga azamukanye ijwi ry’impanda”*. Ubwo impanda y’Imana izavugaga, abacunguwe bazaba bahamagariwe kujya mu birori bikomeye, mu bwiza bw’Imana. Intumwa Pawuro yasobanuye mu buryo burambuye iby’uko uwo munsu uhebuje uzaba umeze: *“mu kanya gato, nk’ako guhumbya kw’ijisho, ubwo impanda ya nyuma izavugaga; kuko ipanda izavugaga koko...”* (1Abakor.15:52).

Yesu Kristo azagarukana ijwi riranguruye ritegeka- ijwi ry’akamo, aherekajwe n’ijwi rya marayika ukomeye, n’impanda y’Imana. Abatoranijwe, baba abasinziriyeye cyangwa abazaba bakiri bazima icyo gihe, bese bazazamurwa, mbere y’uko umujinya w’Imana- ibihano-bisukwa ku isi mu gihe cy’ibyago bikomeye. icyo gikorwa gikomeye kandi kidasanzwe kijyanye n’umugambi w’agakiza kikimara kuba (“kuzamurwa” kw’umugeni), igihe cy’ubuntu cy’abanyamahanga kizaba kirangiye, maze Imana ihindukirire ubwoko bwayo bw’Isirayeri- Abayuda. Umuhanuzi Yesaya nawe yavuze ku by’iyo mpanda ikomeye, izavuzwaga icyo gihe (Yes.27:13).

Kugaruka kw'Umwami kuzaba gutunguranye- nk'uko umurabyo urabya, nko guhumbya kw'ijisho. icyo gihe, abapfiriye muri Kristo bazanza bazuke, maz'abiteguye bazaba bakiriho, nabo bahindurwe mu mibiri yabo. Maze bose hamwe, bazamurwe bajye gusanganira Umwami, maze bajyane nawe mu bwiza bwe. Nk'uko Henoki uwa karindwi kuri Adamu yajyanywe ntiyongere kuboneka ku isi, uko niko na none ku iherezo ry'igisekuruza cya karindwi, ari cyo nyuma cy'Itorerero, abazamurwa batazongera kuboneka ukundi ku isi.

Igisabwa

Kugira ngo tugere kur'iyi ntego ihebuje izindi, tubwirwa ibisabwa tugomba kubahiriza: *“Ariko, niba Umwuka w'Iyazuye Yesu Kristo mu bapfuye ari muri mwe, iyazuye Yesu Kristo mu bapfuye izazura n'imibiri yanyu ipfa kubw'umwuka Wayo uba muri mwe”* (Abar.8:11). Aha ntabwo ari iby'ugusigwa kwahawe amamiliyoni y'abantu bivugwa, abavugwa ni abo Umwuka wera **“atuyemo”**. Ijambo **“niba”** riri mur'uwo murongo ni iryangombwa cyane. **Niba imbaraga z'Umwuka zituye muri twe**, guhindurwa kw'imibiri yacu kuzashoboka; ariko niba atariko bimeze, ntabwo nyine bizashoboka. Nk'uko Umwami yabivuze, ubwo azaba ari hafi yo kugaruka, aba kristo b'ibinyoma bazaduka ari benshi, ni ukuvuga abasizwe b'ibinyoma, harimo n'abazakora ibimenyetso n'ibitangaza, bashyira imbere ugusigwa kw'ubukuzi bwabo, ariko bushoye imizi mu nyigisho z'abahanuzi b'ibinyoma (Mat.7:21; Mat.25). Abita Yesu ko ar'Umwami bakagombye no gukora ubushake bwa Data wo mu Ijuru.

Kwizera guhuje na bibiliya kugomba igihe cyose kuba gushoye imizi mu masezerano twahawe mu byanditswe byera. *“Ibyo Imana yasezeranije byose, muri we ni mo “Yee” iri. Nicyo gituma ari we udutera kuvuga “Amina”, kugira ngo Imana ihimbazwe natwe”* (1Abakor.1:20). Kwizera nyakuri kuzanwa no kubwirizwa Ijambo ry'Imana. *“Dore kwizera guheshwa no kumva, no kumva Ijambo rya Kristo”* (Abaroma 10:17). Ni ko bimera ku bijyanye n'agakiza, no gukira indwara ndetse n'ayandi masezerano yose; ni ko kandi biri ku bijyanye no kwizera ko kuzamurwa. Kuzanwa n'ukuri kw'igihe kw'Ijambo rihishuwe. Ibyiringiro byacu n'ibyo dutegereje byose aho ni ho bishingiye. *“Bene ibyo byiringiro ntibikoza isoni, kuko urukundo rw'Imana rwasutswe mu mitima yacu ku bw'Umwuka wera twahawe”* (Abaroma 5:5). *“Kwizera ni ukumenya rwose ibyiringirwa udashidikanya ko bitazaba, kandi ni ko kuduhamiriza ibyo tutareba ko ari iby'ukuri”* (Abah.11:1). Ijambo n'Umwuka w'Imana bikorera hamwe mu bacunguwe igihe cyose. Umwuka w'isezerano uza igihe cyose ku bakiriye Ijambo ry'isezerano. Gusigwa n'Umwuka ntabwo bihagije –Umwuka wera agomba **guturira** muri twe. Nk'uko Umwuka wamanutse kuri Kristo **ugatura** muri we we mwana w'imfura (Mat.3:16), bigatuma ugenga umubiri we wose, ni ko bigomba kumera no ku mibiri yacu ya kamere. Tugomba guhabwa umuganura w'Umwuka no kwera imbuto ya mbere y'Umwuka (Abaroma 8:23). *“Ariko twebwese ubwo tureba ubwiza bw'Umwami, tureba nko mu ndorerwamo mu maso hacu hadatwikiriye, duhindurirwa gusa na we tugahabwa ubwiza burushaho kuba bwiza nk'ubw'Umwami w'Umwuka”* (2Abakor.3:18). Umuntu wese wifuzaga ko umubiri we wo ku isi uzahindurwa, agomba kubanza guhabwa muri we imbaraga z'Imana zo kudapfa. Ubugingo buhoraho bubonekera mu kubyarwa ubwa kabiri by'ukuri no gushyirwaho ikimenyetso cy'Umwuka wera. *“Ni we namwe mwiringiye mumaze kumva Ijambo ry'ukuri, ari ryo butumwa bwiza bw'agakiza kanyu, kandi mumaze kwizera ni*

we wabashyizeho ikimenyetso, ari cyo Mwuka wera mwasezeranijwe, uwo twahawe ho ingwate yo kuzaragwa wa murage kugeza ubwo abo Imana yarontse izabacungura. Ubwiza bwayo bushimwe” (Abef.1:13-14).

Guhidurwa kw’uyu mubiri ntabwo kuzaturuka hanze kugana imbere, ahubwo bizahera imbere maze umubiri wose uhindurwe. Ikigomba kubanza ni uko ubugingo bwacu buhindurwa bushya bugaturwamo n’Umwuka w’Imana, hanyuma umubiri wacu upfa nawo ukazahindurwa n’Umwuka w’ubugingo **utuye** muri twe. Umwuka w’Imana ni wo mbaraga z’Imana zizatuma ibyo bishoboka.

Hari itandukaniro rinini cyane hagati yo gusigwa n’Umwuka, guhabwa benshi, no gushyirwaho ikimenyetso cy’Umwuka wera kugeza ku munsu wo gucungurwa. Ibi bihabwa gusa abo imibiri yabo izahindurwa. Aburahamu yaratoranijwe ahinduka “Ise wo kwizera”. Yahawe amasezerano, arizera kandi yumvira Imana. Ibyo ni byo byamubariweho gukiranuka. Nyuma y’uko yizera Ijambo ry’isezerano yahawe, agatsindishirizwa kubwo kwizera (Abaroma 4), Imana yamuhaye ikimenyetso cyo gukebwa.

Ikimenyetso cy’Umwuka gishyirwa gusa ku bahamagariwe gusohoka nk’Aburahamu, bakava i Babuloni. Abo, imitima yabo irakebwa, bagahabwa kamere y’Imana (imbaraga z’ubugingo), bizera Ijambo ry’isezerano ry’uyu munsu, bagatsindishirizwa. Isaka umwana wasezeranijwe Aburahamu, ni we wabaye ugusohora kw’isezerano, maze aba umuragwa wa byose. Ben’abo bizera nib o Pawuro yanditse ati: “nuko *benedata, natwe turi abana b’isezerano nk’uko Isaka yar’ari*” (Abag.4:28). “*Ibyo ni ukuvuga ko abana b’umubiri atari bo bana b’Imana, ahubwo abana b’isezerano ni bo bemerwa nk’urubyaro*” (Abaroma 9:8). Ijambo ry’isezerano (Abaroma 9:6) n’Umwuka w’isezerano (Ibyakozwe 2:33) bizakirwa n’abitwa “abana b’isezerano”, kandi abo ni bo bazaba abaragwa b’Imana, abaraganwa na Kristo (Abaroma 8:15-17).

Kubera ko Imana imenya ibintu bitari byaba, byatumye imenya cyera abazizera ubugingo buhoraho, maze ibagera kuba abana bayo (Abef.1:5). Abo bagomba kuzahindurirwa gusa n’ishusho y’Umwana Wayo (Abaroma 8:28-30).

Abizera basigwa n’Umwuka ni benshi, bashobora no kwivug’ibigwi byinshi, ariko bagakomeza gukurikira inzira zabo bwite, habe no kugira ngo babe batekereza guhuza ubuzima bwabo n’Ijambo ry’Imana. Bene abo bantú, bakomeza kubohwa n’imyumvire ishingiye ku migendo yabo, bagasuzugura amasezerano yahawe Itorero mur’iki gihe cyacu. Iyo bigenze bityo, baba bihamirije ubwabo yuko nta ruhare bafite mu irangizwa ry’umurimo Imana igiye isoza. Abizera Ijambo ry’isezerano ry’iki gihe nibo bonyine bashobora kugendana n’Imana. **Ubuzima bunezeza Imana ni ubuhuza na yo muri byose ku bw’Umwuka wayo n’Ijambo ryayo.**

Ubwo Intumwa Pawuro yandikaga ku kwerekanwa kw’abana b’Imana, yabisobanuye neza avuga ati: “*kuko abayoborwa n’Umwuka w’Imana ari bo bana b’Imana*” (Abaroma 8:14). Yesu yavuze ko Umwuka w’ukuri naza azatuyobora mu Kuri kwose kandi akaduhishurira ibizaza (Yoh.13:16). Abahawe Umwuka wera by’ukuri, bashyira kwizera kwabo mu Ijambo

ry’Imana; abo ni bo bihanangirizwa ngo “*ntimukababaze umwuka wera w’Imana, uwo mwashyizweho ikimenyetso kugeza ku munsu wo gucungurwa kwanyu*” (Abef.4:30).

Abo ni bo bonyine bazumvira icyo Umwuka abwira amatorero. Kuko abumvira by’ukuri icyo Umwuka abwira amatorero, ni ukuvuga abanesheje, niba bazajya mu birori by’ubukwe bw’Umwana w’Intama. Abo bakirantse bakageza ku gutungana rwose ni bo bazashobora kuvanga amajwi yabo n’ay’umutwe uririmba mu ijuru uti: “*Haleluya! Kuko Umwami, Imana yacu, Ishobra byose, yinjiye ku ngoma yayo. Twishime, tunezerwe, kandi tuyihimbaze, kuko ubukwe bw’Umwana w’Intama bwashoye, kandi Umugeni we yamaze kwitegura; yahawe kwambara imyenda yera itunganye rwose, kuko imyenda yera ari imirimo yo gukiranuka y’abera. Nuko arambwira ati: aya ni amagambo y’ukuri y’Imana*” (Ibyah.19:6b-9)

Ariko umuntu wese ukurikiza ibitekerezo n’ibiyumviro bye, ntabwo ashobora kumenya ko Imana yagize intumwa ndwi yatumye ku bisekuruza birindwi by’itorero; nta n’ubwo bashobora kwemera ko Imana yagiye yoherereza buri gisekuruza cy’Itorero ubutumwa ibunyujije ku ntumwa yagitumyeho. Buri butumwa bwo mu butumwa burindwi bwohererejwe amatorero arindwi (Ibyah.2+3), butangizwa aya magambo: “*Andikira marayika w’Itorero rya...*”, bugasozwa n’aya magambo, “*Ufite amatwi niyumve icyo Umwuka abwira amatorero*”.

Ingengabihe

Satani, ya nzoka ya cyera, akimara guhananturwa mu ijuru, handitswe ngo: “*Nuko wa juru we namwe abaribamo nimwishime. Naho wowe wa si we, nawe wa nyanja we mugushije ishnyano, kuko Satani yabanukiye afite umujinya mwinshi, azi yuko afite igihe gito*” (Ibyah.12:12). **Aha biragaragara ko ari ka gahe kari gato hagati y’izamurwa ry’umugeni n’itangiriro ry’ubwami bw’imyaka igihumbi.** Mur’ako gahe, Satani azamarira uburari bwe bwose ku isi akoresheje antikristo. Ubwo ni bwo azinjira m’umuhagarariye, wa mubi maze yerekane uw’ari we koko (2Abates.2:7-8). Kuko atashoboye guconcomera umukumbi w’abanesheje, abageze “*ku rugero rw’abantu bashyitse, ku gihagararo gishyitse cya Kristo*” (Abef.4:13), abitwa mu Byahishuwe 12 ko ari “*umwana w’umuhungu*”, Satani azasatira itorero ryasigaye inyuma. Ni ryo ryerekanwa nk’umugore uzabyara umwana w’umuhungu “*uzategekeshya amahanga yose inkoni y’icyuma*” (Ibyah.12:5). Iri jambo ntabwo rivuga Kristo wenyine; ni rimwe muri ya masezerano arindwi yasezeranijwe abazanesha: “*Unesha, akitondera imirimo yanjye akageza ku mperuka, nzamuha ubutware bwo gutwara mahanga yose; azayaragiza inkoni y’icyuma...*” (Ibyah. 2:26-27).

Mu mvugo ya bibliya, Isirayeri mu Isezerano rya cyera, n’Itorero mu Isezerano rishya bigereranywa n’“**umugore**”. Igitabo cy’Ibyahishuwe kivuga abagore babiri batandukanye rwose, aribo Itorero rya Kristo n’itorero rya antikristo. Ikigeranyo cy’Itorero ry’ukuri kiri mu Byahishuwe 12, mu gihe itorero rya antikristo ryo rivugwa mu Byahishuwe 17. Mu gice cya 12 cy’Ibyahishuwe, Yohana yabonye umugore wambaye izuba. Ibyo bisobanura ko Yesu Kristo, Zuba ryo gukiranuka, ari we umurikira Itorero rye. Ukwezi kwari munsu y’ibirenge by’uwo mugore, byerekana Ijambo ry’ubuhanuzi ryatanzwe mu gihe cy’Isezerano rya cyera,

ari ryo rufatiro uwo mugore ashingiyeho. Nk'uko ukwezi kumurikisha umucyo w'izuba, uko ni ko n'Isezerano rya cyera rimurikirwa n'imirasire y'Izuba ryo gukiranuka, no gusohora kw'ubuhanuzi mu Isezerano rishya, bigatuma uwo mucyo umurika. Ikamba ry'inyenyeri cumi n'ebyiri uwo mugore yambaye ryerekana Itorero ryo mu Isezerano rishya, ritatse ikamba ry'inyigisho y'intumwa cumi n'ebyiri (Ibyak.2:42).

Mu bisekuruza byose, habayeho abahamagawe hamwe n'ntore. Umukumbi w'abazanesha ugizwe n'intore, naho ab'Itorero bazasigara inyuma bo ni abahamagawe. Nabo baratunganye kandi ni abera, niyo mpamvu mu mugani w'abari watanzwe n'Umwami wacu, nabo bagereranywa n'abari n'ubwo bitwa abapfapfa, bagereranywa n'abanyabwenge kuko bo binjira mu cyumba cy'ifunguro ry'ubukwe (Mat.25).

Itorero rizasigara ku isi rizabanza kurokoka ubukana bwo Satani, kimwe na Isirayeri cyera mu butayu, **rikomeze kugaburirwa n'Imana mu buryo ndengakamere.** *“Nuko uwo mugore ahungira mu butayu, aho yateguriwe n'Imana, kugira ngo agaburirwe kumara iminsi igihumbi magana abiri na mirongo itandatu...”* (Ibyah.12:6). *“Nuko uwo mugore ahabwa amababa abiri y'ikizu, kugira ngo ahungire mu butayu aho yateguriwe, aho agaburirwa kumara igihe, n'ibihe, n'igice cy'igihe, kure ya cya kiyoka”* (Ibyah.12:4). Igihe uwo mugore azamara arinzwe kandi agaburirwa twarakibwiwe, ni ukuvuga imyaka itatu n'igice.

Nuko tubona ubwoko bwa gatatu bw'abantu Satani atera. *“Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda kugirango kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategeko y'Imana kandi bafite ubuhamya bwa Yesu”* (Ibyah.12:17). Abavugwa mur'uyu murongo basigaye, nta gushidikanya ko ari bya bihumbi ijama mirongo ine na bine (144.000) by'Abisirayeri.

Babyawe n'imbutu imwe, uretse ko bahawe umwanya utandukanye. Banditsweho mu Byahishuwe 14 ngo: *“abo ni bo batiyanduje n'abagore, kuko ari abari”* (umur.4). Ibyo bisobanura ko batabarizwa mu idini na rimwe rya gikristo. Abo 144.000, bahamagarwa nyuma yo kuzamurwa kw'Itorero-Mugeni binyuze mu bukozi bw'abahamya babiri.

Barizera, bagashyirwaho ikimenyetso mbere y'uko umujinya w'urubanza rw'Imana ukongezwa (Ibyah.7:1-8).

Umuhanuzi Daniyeri yahishuriwe ibyerekeye ingengabihe y'Imana ku bwoko bw'Isirayeri. Usobanukiwe ibihe binyuranye bitanzwe hano, ni na we ushobora gutondekanya neza ibizaba hagati y'izamurwa n'itangiriro ry'ingoma y'imyaka igihumbi. Muri Daniyeri 9:24-27, tuhasoma ibyumweru “mirongo irindwi”, bitar'ibyumweru by'iminsi ahubwo ar'ibyumweru by'imyaka, nk'uko bizwi na buri musomyi wa Bibilia. Mu mvugo y'ubuhanuzi, hariho ibyumweru mirongo irindwi by'imyaka, kandi nkuko byanditswe ku murongo wa 24, ibi byerekeye ubwoko bwa Daniyeri bwonyine, Isirayeri, n'umurwa wera, Yerusalemu.

Hatanzwe ibice bitatu by'ibihe: icya mbere kigizwe n'ibyumweru birindwi by'imyaka; icya kabiri kigizwe n'ibyumweru mirongo itandatu na bibiri by'imyaka; icya gatatu kigizwe n'ibyumweru kimwe cy'imyaka. Ni ngombwa cyane kubisobanukirwa neza, kuko Kristo, ari we Masiya, yagombaga gukurwaho ku iherezo ry'ibyumweru mirongo itandatu na bibiri, bikurikira ibyumweru birindwi byamaze kuvugwa (ku murongo wa 26). Dusoma ku murongo wa 27 ibikurikira: *“Uwo mutware azasezerana na benshi isezerano rikomeye ry'icyumweru*

kimwe. Ariko nikigera hagati azabuza ibitambo n'amaturu, abisimbuze ibizira biteye ubwoba, kugeza ubwo ukurimbuka kwateganijwe kumanukira uwo murimbuzi"

Uherye igihe itegeko ryo kwongera kwubaka Yerusaremu ryatangirwe (imyaka 445 mbere yo kuvuka kwa Kristo) ukageza igihe Uwasizwe yapfiriye, ariwe Masiya, byamaze imyaka 483, bihwanye n'imyaka **69 inshuro 7**. Igihe cy'ubuntu ku banyamahanga kikimara kurangira Umugeni akazamurwa, ni bwo icyumweru cya nyuma cy'imyaka yabariwe Isirayeri kizatangira. **Igice cyacyo cya mbere cyagenewe ubukozi bw'abahamya babiri, naho igice cya kabiri kizaba ar'icyo kubabazwa gukomeye.**

Nk'uko byanditswe mu Byahishuwe 11, abo bahanuzi bazakora umurimo wabo kumara imyaka itatu n'igice. Icyo ni cyo gihe bya bihumbi ijana mirongo ine na bine (144.000) bivugwa mu Byahishuwe 7:3-8, bakomoka mu miryango cumi n'ibiri y'Isirayeri, ni bwo bazahamagarwa bashyirweho ikimenyetso. Ku murongo wa 3 handitswe ngo: "*Ntimubabaze isi cyangwa inyanja, cyangwa ibiti tutararangiza gushyira ikimenyetso ku mbata z'Imana yacu*". Ibyo byerekana ko ya myaka itatu n'igice yo kubabazwa gukomeye kw'umujinya w'igihano cy'Imana **idashobora gutangira mbere y'uko ba bandi 144.000 bashyirwaho ikimenyetso**. Icyo gihe ni bwo ubuhanuzi bwa Zakariya buzasohora, buvuga ko Isirayeri izasukwaho umwuka w'imbabazi no kwinginga, kugeza ubwo "*...bazitegereza jyewe uwo bacumise, bazamuborogera ...*" (Zak.12:10-11).

Ubwo Masiya wabo yazaga bwa mbere, abayuda ntabwo bigeze bamumenya kandi ntabwo bamwakiriye (Yoh.1:11). Nk'uko Yozefu mu Isezerano rya cyera yimenyeshaje bene se bahuye ubwa kabiri (**Ibyak.7:13**), **uko ni ko n'abayuda bazamenya Masiya wabo ubwo azabasanga ubwa kabiri**. Yozefu yari yarashatse umugeni w'umunyamahangakazi aramurongora. Yamusize mu ngoro ye alya kwimenyekanisha kuri bene se nta wundi muntu uhari. "**Musohore abantu bose bambise. Ntihagira umuntu uhagararana na Yozefu ubwo yimenyeshaga bene se**" (Itang.45:1).

Uko ni ko na Kristo namara kuzamura Umugeni we yavanye mu banyamahanga akamugeza mu igaburo ry'ibirori by'ubukwe bw'Umwana w'Intama, azamusiga mu ngoro yo mu ijuru, maze wenyine, ntaw'umuherekeje, azimenyeshaje bene se, ubwo umubare wabo uzaba umaze kuzura, bamaze gushirwaho ikimenyetso. **Uko kuzaba ari ko kuza kwa Yesu kwa mbere nyuma yo kugaruka kwe n'izamurwa ry'Umugeni**. Ku bijyanye n'ibyo, Yohana yamubonye nk'Umwana w'Intama ari hamwe na ba bandi 144.000 ku musozi Siyoni (Ibyah.14). Umusozi Siyoni ni ho sanganiro ry'umurimo w'Imana ku isi yose, ni cyo gituma ari ho azimenyekanishiriza. "*Kur'uwo musozi niho azamariraho rwose igitwikirizo cy'ubwirabure gitwikiriye mu maso y'abantu bose, hamwe n'igitwikirizo gitwikiriye amahanga yose*" (Yes.25:7).

Icyo gihe, Isirayeri izamenya ko amasezerano Imana yagiranye na bo agifite agaciro. Ubwo Uwitwaga Imana yatangaga amategeko, yamanutse aze nka Marayika ku musozi Sinayi mu buryo bugaragara. Niyo mpamvu, ku bijyanye n'Isezerano, yitwaga "Marayika w'Isezerano" (Maraki 3:1). Ibyo ni byo Sitefano yavuze mu Byakozwe n'intumwa 7:38, avugaga ibya Mose

ati: “Mose uwo niwe wari mu Itorero ryo mu butayu, hamwe na **Marayika** wavuganaga na we ku musozi Sinayi, hamwe na ba sogokuruza...”.

Umwami namara kwimenyekanisha kuri bene se nk’uko bivugwa mu Byahishuwe 10, azashyira ikirenge kimwe ku butaka ikindi ku nyanja kugira ngo yerekane ko byose ar’umutungo we bwite. **Uko ni ko kuza kwe kwa kabiri nyuma yo kugaruka kwe aje gutwara Itorero-Mugeni.** “Nuko mbona **marayika** wundi ukomeye amanuka ava mu ijuru, yambaye igicu umukororombya uri ku mutwe we, kandi mu maso he hameze nk’izuba, ibirenge bye bimeze nk’inkingi z’umuriro” (Ibyah. 10.1). Umukororombya mu byanditswe byera ni ikimenyetso cy’isezerano (Itang.9). Mur’iki gice, isezerano rivugwamo inshuro ndwi, kandi umukororombya uvugwa inshuro eshanu ko ari ikimenyetso cy’isezerano.

Ubwo umuhanuzi Ezekiyeri yabonaga Umwami yicaye ku ntebe ye, yaravuze ati: “...uko umukororombya uba umeze ku gicu ku munsu w’imvura, ni ko kurabagirana kwari kuyigose kwasaga” (Ezek.1.27b-28). Ibi tubibona kandi bivugwa kimwe mu Byahishuwe 4:2-3: “...Nuko mbona intebe y’ubwami iteretswe mu ijuru, mbona n’uyicayeho. Uwar’uyicayeho yasaga n’ibuye ryitwa yasipi n’iriyitwa sarudiyo, kandi umukororombya wari ugose iyo ntebe usa na simaragido”. Umukororombya ugomba kumvikanisha neza ko isezerano rishya rifite agaciro no kuri Isirayeri. “Iri ni ryo sezerano mbasezeranije, ubwo nzabakuraho ibyaha byabo” (Abaroma 11:27; Abaheb.8.6-13).

“Kandi yari afite mu kiganza agatabo kabumbutse” (Ibyah.10.2): **ibi byerekana ko mu gihe cy’uku kuza, igitabo gifungishije ibimenyetso birindwi kizaba cyaramaze kubumburwa.** Nuko ashira ikirenge cye cy’iburyo ku nyanja, n’icy’ibumosa ku butaka, maze “...arangurura ijwi nk’uko intare yivuga”. Aho ni ho tubona wa Mwana w’Intama werekana agakiza, ahinduka Intare yerekana Umwami.

Kuri ba bandi bihumbi 144 bashyizweho ikimenyetso, abanza kwiyerekana nk’Intama, Umucunguzi. “..Abo ni bo bakurikira Umwana w’Intama aho agiye hose; bacunguwe mu bantu kugira ngo babe umuganura ku Mana no ku Mwana w’Intama” (Ibyah.14.4). Umuhanuzi Hoseya nawe agaragaza icyo gitekerezo avuga ati: “Bazakurikira Uwiteka, azivuga nk’intare, ni ukuri. Abana bazaza bahinda umushyitsi bavuye muri Egiputa” (Hoseya 11:10, Louis Segond). Amagambo y’umuhanuzi Amosi na yo avuga bimwe: “Uwiteka azivugira i Siyoni, azumvikanisha ijwi rye ari i Yerusalemu, isi n’ijuru bizahinda umushyitsi; kandi Uwiteka azabera ubwoko bwe ubuhungiro n’ubwugamo ku bana b’Isirayeri” (Amosi 1.2).

Mu Byahishuwe 5, Umwami naho ahavugwa nk’intare: “Dore, Intare y’umuryango wa Yuda, igishyitsi cya Dawidi yaranesheje kugira ngo abumbure igitabo n’ibimenyetso byacyo birindwi” (umur.5). Ubwo Yakobo yahaga umugisha umuhungu we Yuda, yavugishijwe n’Umwuka wera amaganbo y’ubuhanuzi akurikira: “Yuda ni icyana cy’intare... Inkoni y’ubwami ntizava kuri Yuda, inkoni y’ubutware ntizava hagati y’ibirenge bye nyirayo ataraza, uwo ni we amahang’azumvira” (Itang.49.9-10).

“Ivugije iryo jwi riranga, guhinda kw’inkuba kurindwi kumvikanisha amajwi yako” (Ibyah.10.3). Ijwi ry’Imana ryumvikana nko guhinda kw’inkuba: “Nimwumve yemwe urusaku

rw'ijwi ryayo ... Imana ihindisha ijwi ryayo bitangaje..." (Yobu 37.2,5). "*Nuko humvikana ijwi rivugira mu ijuru...nuko abantu bar'aho babyumvise bavuga ko ar'inkuba ikubise* (Yoh.12:28-29).

Ibyo guhinda kw'inkuba ndwi byavuze byagizwe ibanga, ntabwo Yohana yabyanditse. **Ni yo mpamvu bidashobora kubwirizwa kuko bitari mu Byanditswe by'Ijambo ry'Imana** (Ibyah.1.3; 2Tim.4.1). Ibyavuzwe n'inkuba ndwi bijyanye n'umurimo w'Imana yacu w'ubwiru igihe ubwo bwirubuzasohorera. icyo gihe, marayika ukomeye "...*azamura ukuboko kw'iburyo mu ijuru, maze arahira Uhoraho iteka ryose, waremye ijuru n'ibiririmo n'isi n'ibiyirimo, ko nta kindi gihe kizabaho...*" (Ibyah.10.6).

Umuhanuzi Daniyeri nawe yarabibonye mu gihe cye, abitubwira mu gice cya 12 cy'igitabo cye. Yabajije igihe kizaba gisigaye uko kizaba kingana kugeza ku iherezo ry'ibyo bintu bihebuje. Igisubizo gifite insobanuro imwe gusa: "*Nuko numva wa mugabo wari wanbaye imyenda y'igitare wari hejuru y'amazi y'uruzi, azamura ukuboko kwe kw'iburyo n'ukw'ibumoso mw'ijuru, arahira Uhoraho iteka ryose ko bizaba igihe, n'ibihe, n'igice cy'igihe*" (umur.7). Dushingiye kur'uyu murongo wa Bibiliya, tuzi neza ko **uhereye igihe marayika arahiriye ukageza ku iherezo ry'ubwami bw'iyi si ya none**, hazaba hasigaye imyaka itatu n'igice gusa, ari cyo gihe ingoma y'imyaka igihumbi izatangira.

Ka twongere tubivuge mu magambo make: abo bahanuzi babiri bazakora umurimo wabo kumara imyaka itatu n'igice. Ntaw'uzashobora kugira icyo abatwara mur'icyo gihe kuko bazaba bafite umubasha bwose bahawe n'Imana: "... *umuriro uva mu kanwa kabo ugatwika abanzi babo...*" (Ibyah. 11:5-6). Iby'ubukozzi bwabo bitwibutsa abahanuzi babiri, Mose na Eliya. Abavugaga ko umwe muri bo yaba ari Enoki baribeshya. Nk'uwa karindwi uhereye Kuri Adamu, Enoki agereranywe n'abo mur'iki gisekuruza cya karindwi bazaba bakiri bazima bagahindurwa, kugira ngo badaca mu rupfu. Mose na Eliya bari kumwe na Yesu ku musozi wo guhindurirwaho (Mat.17). Uko ari babiri bavugwa mu mazina mu mirongo itatu ya nyuma y'Isezzerano ryacyera (Maraki 4.4-6).

Ku iherezo ry'ubukozzi bw'abo bahamya babiri, umusaruro w'umurimo wabo uzaba abayahudi 144.000 bazateranira ku musozi Siyoni. Abo ni bo Umwami azamanuka aje gusanga, maze abihishurire nka Masiya, nk'Umwana w'Intama w'Imana. **Icyo gihe, abisirayeri nibamara kumenya ko na bo bafite uruhare ku masezerano yo mu Isezzerano rishya, bazaherako bamenye Antikristo uw'ari we**. Uwo ni we Isirayeri azaba yagiranye nawe amasezerano y'imyaka irindwi, noneho ayo masezerano ahereko aseswe (Dan.9:27). icyo ni cyo kizatangiza kubabazwa gukomeye n'igihe cyo gutotezwa. "*Nuko ahabwa ububasha bwo gukora kumara amezi mirongo ine n'abiri... no kurwanya abera akabanesha*" (Ibyah.13:5-7). Daniyeri yahanuye iby'abera b'Isumbabyose: "... *kandi abera bazagabizwa mu maboko ye kumara igihe, n'ibihe n'igice cy'igihe*" (Dan.7:25-Second). Ese har'ukundi byakwandikwa mu buryo bweruye kurenz'uku?

Mur'icyo gihe giteye ubwoba cyo gutotezwa gukomeye, ba bandi 144.000 bazaba bamaze gushyirwaho ikimenyetso, bazagomba gupfa bazira ukwizera kwabo. Abazabanza gupfa ni ba bahamya babiri, kuko bazaba barangije igihe cy'ubuhamya bwabo (Ibyah.11.7), hanyuma

n'abandi babone gukurikiraho nk'uko twamaze kubibwirwa mu kimenyetso cya gatanu. Kubera ibyo, handitswe mu Byahishuwe 14:12 ngo: *“aha ni ho kwihangana kw'abera, abitondera Ijambo ry'Imana no kwizera Yesu”*. icyo gihe ni bwo iri jambo rizasohora ngo: *“Nuko numva ijwi rivugira mu ijuru riti: Andika: Uhereye ubu, hahirwa abapfa bapfira mu Mwami. Yee, niko Umwuka avuga, kugira ngo baruhuke imihati yabo, kuko imirimo yabo ibakurikira”* (Ibyah.14:13).

Imana yari yaratangaje gutatanywa kw'ubwoko bw'Isirayeri mu mahanga, no kugaruka kwabo mu gihugu cy'isezerano. Ku bijyanye n'ibyo, yaravuze ati: *“Yerusalemu izasiribangwa n'abanyamahanga kugeza ubwo igihe cy'abamahanga kizarangirira”* (Luka 21:24).

Mu kimenyetso cya gatanu (Ibyah.6:9-11) havugwa iby'imyuka y'abari muni y'igicaniro; abo ni abishwe kubera Ijambo ry'Imana no kubera ubuhamya bwabo bari batanze. Nimurebe ko aba bishwe bataragira ubuhamya bwa Yesu. Bari bakomeye ku Ijambo ry'Imana batari bakamenya ko Yesu ari we Masiya wabo. Aba ni ba bayuda bese bishwe bazira gusa ko ari abayuda. Kubera ko batari bagacunguwe, ni yo mpamvu basabaga ko bahorerwa. Abacunguwe bo basenga bavuga bati: *“Data, ubababarire kuko batazi icyo bakora”* *“Nuko ubwo bugingo bwaratakaga buvuga buti: ni ryari, Mwami, wera kandi w'ukuri uzahorera amaraso yacu ku batuye mu isi?”*. Imana, umucamanza utabera, ategeka ko bur'umwe ahabwa igishura cyera. *“Nuko babwirwa kuba baruhutse ikindi gihe gito, kugeza ubwo umubare w'imbata bagenzi babo bagomba kwicwa ushyika”*.

Ijambo “imbata” ntirikoreshwa iyo havugwa abo mu Itorero ryo mu Isezerano rishya, kuko ryo rigizwe n'abahungu n'abakobwa b'Imana. Mu buhanuzi bwa Bibiliya, Abisirayeri bavugwa ko ari abagaragu n'“abaja”. Nta gushidikanya ko imvugo *“imbata bagenzi babo”* ivuga ba bandi 144.000 bazaba bamaze kwizera kubera ubukozi bwo ba bahanuzi babiri, abo bazahigwa kandi bicwe na Antikristo muri cya gihe cy'imyaka itatu n'igice cyo gutotezwa gukomeye.

Ingororano

“Nyuma y'amakuba yo mur'iyi minsi, izuba rizijima, ukwezi kwegutanga umwezi wako (Yes.13.10; Yow.3.3-5; Ibyah.6.12-17), kandi inyenyeri zizava mu kirere zigwe, n'imbaraga zo mu ijuru zinyeganyezwa. Nuko, ikimenyetso cy'Umwana w'umuntu kizagaragara ku ijuru. amoko yose yo ku isi azaboroga abonye Umwana w'umuntu aje ku bicu byo mu ijuru, afite ubutware n'icyubahiro cyinshi” (Mat.24.29-30).

“Kandi hazaba ibimenyetso ku izuba no ku kwezi no ku nyenyeri, kandi hasi amahanga azababara bumirwe, bumvise inyanja n'umuraba bihorera. Abantu bazagushwa igihumura n'ubwoba no kwibwira ibyenda kuba mu isi kuko imbaraga zo mu ijuru zizanyeganyega. Ubwo ni bwo bazabona Umwana w'umuntu aje mu gicu, afite imbaraga n'ubwiza bwinshi” (Luka 21.25-27)

“Dore arazana n'ibicu kandi amaso yose azamureba, ndetse n'abamucumise na bo bazamureba, kandi amoko yose yo mu isi azamuborogera. Yego, Amina!” (Ibyah.1:7).

Twabonye ko nyuma y’uko Umwami agaruka agatwara Itorero-Umugeni, azaza azanywe na ba bandi 144.000, **ubwa mbere nk’Umwana w’intama, hanyuma nka Marayika w’Isezerano. Ku iherezo ry’igihe cyo kubabazwa gukomeye, Kristo azaza aje gutsemba Antikristo, ariwe witwa”umugome”**. Dukwiriye kwitwararika ibyo intumwa Pawuro yigishije, kuko yavuze ko Antikristo adashobora kwigaragaza byuzuye “...kugeza ubwo ikimubuza kwigaragaza kizarwaho” (2Abates.2.6-7). Umwuka wera ukorera mu Itorero-Mugeni ni wo ubuza antikristo kwigaragaza. Iby bizarangira ari uko Umugeni azamuwe. “nibwo wa mugome azahishurwa, uwo Umwami azicisha umwuka uva mu kanwa ke, akamutsembesha ukuboneka ko kuza kwe” (2Abates.2.8). “Kandi azakubitisha ubutaka inkoni iva mu kanwa ke, kandi umwuka wo mu kanwa ke ni wo azicisha wa mugome (antikristo” (Yes.11.4).

Mu Byahishuwe 19.11-16, **Umwami aza ari ku ifarashi y’umweru**. Yitwa “Uwo kwizerwa kandi Uw’ukuri”, niwe uca imanza zitabera, akarwana intambara zikwiriye, kandi izina rye ryitwa “Ijambo ry’Imana”. “Mu kanwa ke havamo inkota ityaye ifite ubugi impande zombi kugira ngo ayikubitisha amahanga, kandi azayaragiza inkoni y’icyuma, yengesha ibirenge mu muvure w’inkazi y’umujinya w’Imana ishobora byose” (umurongo wa 5). Mu Byahishuwe 14.7-20: “Nuko marayika yahura umuhoro we ku isi, aca imbuto z’umuzabibu w’isi, azijugunya mu muvure munini w’umujinya w’Imana” (umurongo wa 19).

Hari imirongo myinshi ya Bibiriya ivuga iby’icyo gihe ubwo Imana izaba irimo kwihorera:

“Nuko yambara gukiranuka nk’icyuma gikingira igituza, yambara agakiza kaba nk’ingofero, yambara n’imyenda yo guhōra ayigira imyambaro, yambikwa ishyaka nk’umwitero. Azabitura ibihwanye n’ibyo bakoze, abanzi be azabitura uburakari, n’ababisha be azabahōra...” (Yes.59.17-18).

“Kuko nari naragambiriye umunsi wo guhoreramo inzigo, none n’umwaka wo gucunguriramo abantu banjye uratashye... Mvungisha amahanga uburakari bwanjye, mbasindisha umujinya wanjye, amaraso yabo nyavushiriza ku isi” (Yes.63:4-6).

“Dore Izina ry’Uwiteka riraza rituruka kure, rigurumana uburakari bwe, ricumba umwotsi mwinshi, iminwa ye yuzuye uburakari n’ururimi rwe rumeze nk’umuriro ukongora...Uwiteka azumvikanisha ijwi rye ry’icyubahiro, kandi kumanuka kw’ukuboko kwe azakwerekanisha uburakari bwe n’umujinya we, n’ikirimi cy’umuriro ukongora n’inkubi y’umuyaga n’urubura” (Yes.30:27, 30).

“Wa bwoko bwanjye we, ngwino winjire mu nzu yawe, wikingirane, ube wihishe akanya gato kugeza aho uburakari buzashira” (Yes.26.20).

“Isi iramenetse, isi irayaze, isi iranyeganyejwe cyane; isi iradandabirana nk’umusenzi kandi irayengayenzwa nk’ingando, igicumuro cyayo kirayiremereye: izagwa yekongera kubyuka. Uwo munsi, Uwiteka azahana ingabo zo hejuru mu ijuru, n’abami bo hasi ku isi. Bazateranirizwa hamwe nk’uko imbohe ziteranirizwa mu rwobo, bazakingiranirwa mu nzu y’imbohe kandi iminsi myinshi nishira bazagendererwa (bazahanwa-Segond). Nuko ukwezi kuzakorwa n’isoni n’izuba rizamwara kuko Uwiteka Nyiringabo azategekera ku musozi wa

Siyoni n'i Yerusalemu, kandi azahabwa icyubahiro imbere y'abatware be bakuru"
(Yes.24.19-23)

"Uku ni ko Umwami, Uwiteka avuga: ikibi, ikibi kimwe kidasanzwe, dore kiraje! Iherezo rirageze, iherezo rirageze! Biragukangukiye, dore biragusohokeye!... igihe kirasohoye, umunsi uri hafi, umunsi w'imivurungano, s'uwo kuvuzwamo impundu mu misozi" (Ez.7.5-7).

Urubanza rw'amahanga akomeye y'abanzi b'Imana ruzaba mu muni umwe gusa, ruzasohora mu rugamba rumwe gusa: *"Dore nzaza nk'umujura. Hahirwa uba maso akarinda imyenda ye, kugira ngo atagenda yambaye ubusa bakareba isoni z'ubwambure bwe. Babateranirizwa ahantu mu Ruheburayo hitwa Harimagedoni"* (Ibyah.16:15-16). **Uko kuza kuzabera igihe kimwe n'intambara ya Harimagedoni.** Ezekiyeri aravuga ukuntu iherezo rizaba rimeze: *"Nzamusohorezaho amateka yanjye, muteze indwara ya mugiga no kuva amaraso, kandi we n'ingabo ze n'amahanga menshi ari kumwe na we, nzabamanurira imvura y'inkundura, mbateze amahindu manini y'urubura rukomeye, n'umuriro n'amazuku"* (Eze.38:22). Muri Zakariya 14:12-15 naho herekana iby'urubanza ruzacirwa amahanga azaza icyo gihe gutera Yerusalemu: *"Iki ni cyo cyago Uwiteka azateza amahanga yose azaba yarwanije Yerusalemu: bazashira bahagaze, amaso yabo azashirira mu bihenehene kandi ururimi rwabo ruzaborera mu kanwa. Uwo muni, imidugararo ikomeye iturutse k'Uwiteka izaba muri bo maze bazasubiranamo, umuntu wese azafata mugenzi we barwane"*.

Ukuneshwa kwa Antikristo no gucirwaho iteka bizagendana na byo, bizaza ku banzi b'Imana. Bizaba *"...ubwo Umwami Yesu azahishurwa azanye n'abamarayika b'ubutware bwe, hagati y'umuriro waka, yihorere inzigo ku bataramenye Imana"* (2Abates.1:7-8). Bizaba ari Umunsi w'Uwiteka, uwo abahanuzi n'intumwa bahanuye.

"Dore hazaba umunsi utwika nk'itanura ry'umuriro, abibone bose n'inkozi z'ibibi zose bazaba ibishingwe, umunsi uzaza uzabatwika..." (Maraki 3:19). *"Ariko umunsi w'Umwami wacu uzaza nk'umujura, ubwo ijuru rizavaho hakaba n'umuriri ukomeye, maze iby'ishingiro, ibyo byose biremeshwa bikayengeshwa no gushya cyane, isi n'imirimo iyirimo bigashirira"* (2Pet.3:10).

INZIBACYUHO

Umwami namara gusuka umujinya we no guhora inzigo abanzi be, ni bwo ibyo Zakariya yavuze bizasohora: *"uwo muni azashinga ibirenge bye ku musozi wa Elayono..."* (Zak.14:4). Iki gihe ntabwo azagaruka wenyine, ariko, nk'uko byanditswe ku murongo ukurikira: *"...maze Uwiteka Imana yanjye izazana n'abera bayo bose"*. **Igaburo ry'ubukwe mu ijuru rizaba ryarangiye, ubwami bw'imyaka igihumbi bugiye gutangira.**

Ariko mbere y'uko ubwami butangira, buzabanzirizwa no guc'imanza. *"Amahanga yarakaye nuko umujinya wawe uraza, igihe cyo gucira abapfuye imanza kirasohora, n'icyo kugororera abagaragu n'imbata zawe ari bo bahanuzi, n'abera, n'abubaha izina ryawe bose, aboroheje n'abakomeye, no kurimbura abononnye isi"* (Ibyah.11:18).

Nk'uko muri buri gisekuruza hagiye habwirizwa ubutumwa butandukanye rwose n'ubw'ibindi bisekuruza, ni ngombwa ko hagati y'abahiriwe, ibifite agaciro imbere y'Imana

bishyirwa mu mwanya wabyo rwose. Imanza zizacibwa iki gihe ntabwo ari izo gutanga ibihano, kuko icyo gihe ari bwo hazasohora iri jambo ngo: *“kuko twese dukwiriye kuzahagarara imbere y’intebe y’imanza ya Kristo, kugira ngo umuntu wese ahabwe ibikwiriye ibyo yakoze akiri mu mubiri, byab’ibyiza cyangwa bibi”* (Abakor.5:10). *“Ariko n’iki gituma ucira mwene so urubanza? Kandi nawe, n’iki gituma uhinyura mwene so? Twese tuzahagarara imbere y’intebe y’imanza y’Imana; kuko byanditswe ngo “Uwiteka aravuze ati: ndirahiriye, amavi yose azampfukamira, kandi ururimi rwose ruzavuga ishimwe ry’Imana. Nuko rero, umuntu wese muri twe azamurika ibyo yakoze imbere y’Imana”* (Abar.14:10,12).

Mbere y’uko abakiranutsi bageze ku gutungana rwose baca imanza hamwe n’Umucamanza kandi bima hamwe n’Umwami, ni ngombwa ko na bo babanza gutsindishirizwa no guhabwa amakamba kugira ngo binjire muri ubwo bwami. Amakamba anyuranye azatangwa icyo gihe. Mu byanditswe havugwamo: ikamba ry’ubwiza (1Abates.2:19), ikamba ryo gukiranuka (1Tim.4.8), ikamba ry’ubwiza ritangirika (1Pet.5.4), ikamba ry’ubugingo (Yak.1.12; Ibyah.2.10), n’ibindi.

“Hanyuma hazabaho guca imanza” (Dan.7.26). Ibi bijyanye rwose n’ibyanditswe mu Byahishuwe 20.4: *“Mbona intebe z’ubwami, mbona bazicaraho, bahabwa ubucamanza”*. Isezerano ryahawe abazanesha ko: *“Uzanesha, azicarana nanjye ku ntebe y’ubwami...”* (Ibyah.3.21). Ntabwo bazatwar’amahanga nk’abami hamwe n’Umwami gusa, ahubwo bazagira uruhare no mu guca imanza. Pawuro yaranditse ati: *“Ese ntimuzi ko abera bazacira urubanz’abari mu isi?... Ese ntimuzi ko tuzacira urubanza abamarayika?”* (1Abakor.6.2-3). Ku bijyanye n’ibyo, *“Enoki yarahanuye ati: Dore Uwiteka yazanye n’inzovu nyinshi z’abera be, kugira ngo agirire bese ibihwanye n’urubanza baciriwe, no kwemeza ukuri abatubaha Imana bese”* (Yuda 14-15).

Handitswe muri Matayo 25.31-32 ngo: *“Umwana w’umuntu ubwo azazana n’abamarayika bese afite ubwiza bwe, ni bwo azicara ku ntebe y’ubwiza bwe. Amahanga yose azateranirizwa imbere ye, abarobanure nk’uko umwungeri arobanura intama mu ihene”*.

Muri Yesaya 2.2-5 na ho hasobanurwa ibyo gucira amahanga urubanza: *“kandi azacira amahanga imanza, azatwara amoko menshi, inkota zabo bazazicuramo amasuka n’amacumu yabo bazayacuramo impabuzo* (umur.4). Umuntu ashobora no gusoma n’ibindi byenda gusa muri Mika 4.1-5.

Ku bijyanye n’ubwoko bw’Isirayeri handitswe ngo: *“Maze uzasigara i Siyoni n’i Yerusalemu wese yanditswe mu bazima b’i Yerusalemu azitwa Uwera...”* (Yes.4.3). Nyamara, ntabwo urubanza ruzacirwa abazasigar’ari bazima bonyine, ahubwo ruzacirwa n’abo mu gihe cyo gutotezwa gukomeye bazaba baragombye guhamirisha kwizera kwab’ubuzima bwabo. *“...kandi mbona imyuka y’abaciwe ibihanga babahora ubuhamya bwa Yesu n’Ijambo ry’Imana, ba bandi bataramije ya nyamaswa n’igishushanyo cyayo, kandi batashyizwe ikimenyetso cyayo ku ruhanga no ku kiganza, maze barazuka babaho bimana na Kristo imyaka igihumbi”* (Ibyah.20:4). Bazaba bari mu bwami bw’imyaka igihumbi. N’ubwo nta ruhare bagize mu ifunguro ry’ubukwe bw’Umwana w’Intama, **bazakangurwa mbere y’uko**

ubwami bwa Kristo butangira, ni yo mpamvu babarirwa mu bafite uruhare ku muzuko wa mbere. Ku bijyanye n’ibyo, ni byiza gusoma no muri 2Timoteyo 4.1:

*“Ndakwihanangiriza imbere y’Imana n’imbere ya Kristo Yesu, uzacira urubanza abazima n’abapfuye, **kandi no ku bwo kuza kwe n’ubwami bwe...**”*

“...Abapfuye basigaye ntibazuka iyo myaka igihumbi itarashira. Uwo ni wo muzuko wa mbere. Ufite umugabane wo kuzuka kwa mbere arahirwa kandi ni Uwera. Urupfu rwa kabiri ntirubasha kugira icyo rutwara abameze batyo, ahubwo bazaba abatambyi b’Imana na Kristo kuko bazimana na we iyo myaka igihumbi” (Ibyah.20:5-6).

Iyi mirongo ibiri ikurikira irajyana: *“Abamarayika b’Imana bose bamuramye”* (Abaheb.1:6), *“Kugira ngo amavi yose apfukame mu izina rya Yesu, ari ay’ibyo mu ijuru cyangwa ay’ibyo mu isi cyanga ay’ibyo munsu y’isi, kandi indimi zose zihamye ko Yesu ari Uwiteka, ngo Imana Data wa twese ahimbazwe”* (Abaf.2:110-11).

Icyo gihe, abizezeye Kristo bose bazanezerwa: *“...ubwo azazanwa no guherwa icyubahiro mu bera be, no gutangarirwa mu bamwizewe bese”* (2Abates.1:10).

Ku bwo gushimir’Imana ibyo yadukoreye, amajwi yacu tuyafatanyaga n’aya ba basaza 24, n’ibizima bine n’ay’abamarayika barangururira imbere y’intebe y’ubwami bavuga bati: *“Umwana w’Intamwa watambwe ni we ukwiriye guhabwa ubutware, n’ubutunzi, n’ubwenge n’imbaraga, no guhimbazwa, n’icyubahiro, n’ishimwe! Nuko numva ibyaremwe byose byo mu ijuru, no mu isi, n’ikuzimu, no mu nyanja n’ibibirimo byose, bivuga biti: ishimwe, no guhimbazwa, n’icyubahiro, n’ubutware bibe iby’Iyicyaye ku ntebe n’iby’Umwana w’Intama iteka ryose!”*(Ibyah.5.12-13).

“Uwera, Uwera, Uwera, ni Umwami Imana Ishobora byose, ni Yo yahozeho, kandi iriho, kandi izahoraho” (Ibyah.4.8).

Birumvikana neza ko mur’uyu murongo, Umwami atakitwa Umwana w’umuntu, ahuko ko ahabwa icyubahiro nk’Imana ishobora byose. Umuhanuzi Yesaya yabivuze bitaraba mur’aya magambo: *“Nuko uwo munsu bazavugaga ngo: Iyi ni yo Mana yacu twategerezaga, ni yo izadukiza, Uyu ni we Uwiteka twategerezaga. Tunezerwe, twishimire agakiza ke”* (Yes.25.9).

INGOMA Y’IMYAKA IGIHUMBI

Mu gihe cy’ingoma y’imyaka igihumbi, Umwami azima nk’umwami ku isi yose hamwe n’abazaba barasangiye na we igaburo ry’ubukwe. Ba bandi 144.000, babarirwa mu bazutse mu muzuko wa mbere, na bo bazimana na We (Ibyah.20.4-6). Icyo gihe ni bwo umubare wuzuye w’Abayuda n’umubare wuzuye w’abanyamahanga bazaba bari hamwe. Ibyanditswe ku Wanesheje i Gorogota byahawe umutwe w’abazanesha nk’isezerano: *“Unesha, akitondera imirimo yanjye akageza ku mperuka, nzamuha ubutware bwo gutwara amahanga yose. Azayaragiza inkoni y’icyuma...”* (Ibyah.2.26-27).

Umugeni azaba ari muri Yerusalemu nshya, ari bwo buturo bwe bw'iteka, ubwo agereranywa no bwo: “*Nuko mbona ururembo rwera, Yerusalemu nshya, rumanuka ruva ku Mana mu ijuru, rwiteguwe nk’uko umugeni arimbishirizwa umugabo we...Ngwino nkwereke umugeni, umugore w’Umwana w’Intama. Anjyana ku musozi munini kandi muremure, ndi mu mwuka, anyereka ururembo rwera, Yerusalemu, rumanuka ruva mu ijuru ku Mana, rufite ubwiza bw’Imana*” (Ibyah.21.2, 9-10). Nyuma y’ubukwe, ntabwo acyitwa umugeni, ahubwo yitwa umugore w’Umwana w’Intama. Kur’ibyo na byo, Ijambo ry’Imana riritunganye rwose.

Icyo gihe, Yerusalemu yo ku isi na yo izaba yuzuye ukurabagirana n’ubwiza bw’Imana, kuko Yerusalemu nshya izamanukira hejuru ya Yerusalemu ya cyera: “*Kandi hejuru y’ubuturo bwose bwo ku musozi wa Siyoni no ku materaniro yaho, Uwiteka azaharemeraho igicu n’umwotsi ku Manywa, n’umuriro waka ukamurika nijoro, kuko hejuru y’ibyubahwa byose hazabaho igitwikirizo*” (Yes.4.5).

Nk’uko tumaze kubivuga, Yerusalemu nshya izamanuka ariko ntabwo izakora ku isi.

Izatwikira Yerusalemu ya cyera, kandi umucyo n’ubwiza bwayo buzuzura isi izaba yamaze gutunganywa n’umuriro. Iyipimo byayo biri mu Byahishuwe 21.16. Yerusalemu nshya izamuka nk’umusozi munini w’umutemeri mu ijuru.

Abizera bakomeje kuba abiringirwa ku Mwami mu gihe cyo gutotezwa gukomeye, kandi bari biteguye no gutakaza ubuzima bwabo nk’uko twamaze kubibona, bazaba bari muri ya ngoma y’imyaka igihumbi. “*Mbona igisa n’inyanja y’ibirahuri ivanze n’umuriro, mbona n’abatabarutse banesheje ya nyamaswa n’igishushanyo cyayo n’umubare w’izina ryayo, bahagaze kur’iyo nyanja y’ibirahuri bafite inanga z’Imana, baririmba indirimbo ya Mose n’indirimbo y’Umwana w’intama...*” (Ibyah.15.2-3). Aba ni abizera bo mu bayahudi n’abo mu banyamahanga: ibi bigaragazwa n’uko havugwa “indirimbo ya Mose” na “indirimbo y’Umwana w’Intama”. Aba ni abizera batafashe ikimenyetso cy’inyamaswa, umubare w’izina ryayo, kandi bataramije igishushanyo cyayo.

N’ubwo abanesheje aribo bonyine bazasangira ifunguro ry’ubukwe, abacunguwe bose bazaba bari mu ngoma y’imyaka igihumbi, ariko mu kindi kirere. “*aba ni abavuye muri wa mubabaro mwinshi, kandi bameshe ibishura byabo, babyejesh’amaraso y’Umwana w’Intama. Ni cyo gituma baba imbere y’intebe y’Imana, bakayikorera mu rusengero rwayo amanywa n’ijoro, kandi Iyicaye kuri ya ntebe izababambaho ihema ryayo...kandi Imana izahanagura amarira yose ku maso yabo*” (Ibyah.7:14, 15, 17). Mu gihe bivuzwe ko bazayikorera amanywa n’ijoro, bitwereka ko atari mu gihe cy’iteka ryose ko ahubwo ari mu gihe cy’ingoma y’imyaka igihumbi. Mu iteka ryose nta muni nta joro, nta n’ubwo ibihe bibarwa yo.

Nkuko twamaze kubivuga, mu gihe cyo guca urubanza rwa nyuma, abirasi, n’abibone, n’inkozi z’ibibi, n’abanga Imana na Isirayeri ku mugaragaro bazarimburwa (Yes.13.6-12) batwikwe nk’ibishingwe (Maraki 3:19). Hari abantu benshi badasoma ibyanditswe uko bikwiriye, bigatuma bibwira ko isi yose izarimburwa hagasigara gusa umugeni na bya bihumbi 144. Nyamara ibyo byaba binyuranije n’imironko myinshi yo mu Byanditswe. **Abazaba barokotse batapfuye bazakomeza babeho ku isi:** “*Igihe kizagera ubwo abazaba*

barasigaye bo mu mahanga yose azaba yaraje gutera Isirayeri, bazajya bazamuka buri mwaka kwikubita imbere y'Umwami, Uwiteka Nyiringabo, no kwizihiza iminsi mikuru y'ingando” (Zak.14.6). Ese amahanga yazashobora ate kujya aza kwikubita imbere y'Umwami buri mwaka mu gihe cy'ingoma y'imyaka igihumbi aramutse atakiriho?

“Uku ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga: Amahanga n'abatuye imidugudu myinshi; abatuye umudugudu bazasanga abatuye undi bavuga bati: nimuze, tugende tujye kwambaza Uwiteka, tujye gushakisha Uwiteka Nyiringabo! Nanjye nzajya yo! Kandi amoko menshi n'amahanga akomeye, azajya gushakisha Uwiteka no kumwambaza i Yerusalemu. Uku ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga: icyo gihe, abagabo cumi bo mu ndimi zose bo mu banyamahanga bazafata, koko bazafata inshundura z'umwitero w'mugabo w'umuyuda, bavuga bati: tuzajyana nawe, kuko twumvise ko Imana iri kumwe namwe” (Zak.8.20-23).

“... kandi amahanga yose azahururira yo; kandi amoko menshi azajyayo, kandi bavuge bati: nimuze tuzamuke ku musozi w'Uwiteka, ku nzu y'Imana ya Yakobo, kandi azatwigisha inzira ze, kandi tuzazigenderamo. Kuko i Siyoni hazaturuka amategeko, kandi i Yerusalemu niho hazaturuka Ijambo ry'Imana” (Yes.2.2-3).

“Uwo munsu, hazabaho igishyitsi cya Dawidi, uzahagarara nk'ibendera ry'amahanga: amahanga azamushakisha, kandi uburuhukiro bwe buzaba icyubahiro” (Yes.11.10).

“Kandi hazagera ko kuri buri mboneko y'ukwezi, na buri sabato, abafite umubiri bose bazajya baza kunyikubita imbere, niko Uwiteka avuga. Nibasohoka, bazabona intumbi z'abangomeye, kuko inyo zabo zitazabora, kandi umuriro wabo utazazima; bazatera ubwoba abafite umubiri bose” (Yes.66.23-24). *“...Icyakubera cyiza ni uko wakwinjira mu bwami ufite ijisho rimwe, kuruta uko wagira amaso abiri ukajugunywa mu muriro utazima”* (Mariko 9:47-48). Aya magambo y'Umwami nayo ntabwo akwiye gusobanurwa uko umuntu yishakiye, ahubwo akwiye gushyirwa mu mwanya wayo no mu gihe cyayo bijyanye n'Ijambo ry'ubuhanuzi.

Muri Yesaya 65.20-25 hatubwira uko abantu bazaba barasigaye ku isi bazaba bameze. Abana bazabavukaho, bazubaka amazu bayabemo, bazahinga imizabibu bishimire imbuto zayo, bazahinga beze. Kuko mur'icyo gihe Satani azaba yaraboshwe, *“...isega n'intama bizarisha hamwe, intare nayo izarisha ubwatsi nk'inka; kandi inzoka izarya umukungugu”* (Yes.65.25). Ibi kandi tubisanga muri Yasaya 11.6-9.

Kubera ko iby'ari byo byose abo bantu bazaba batarakijijwe, bakaba ar'abantu batavutse ubwa kabiri, hagati yabo hazaba hakirimo kutumvira, indwara, ndetse n'urupfu. *“Hazagera ko imvura itagwa ku bo mu miryango yo ku isi itazazamuka i Yerusalemu kwikubita imbere y'Umwami, Uwiteka Nyir'ingabo...”* (Zak.14.17). *“Kuko umusore azapfa afite imyaka ijana, kandi umunyabyaha ufite imyaka ijana azavumwa”* (Yes.65.20).

Mu gihe cy'ingoma y'imyaka igihumbi, igihe kizaba kikibarwa, ariko ntikizongera kubaho ukundi mu iteka ryose. *“Kandi ku mugezi no ku nkengeri zawo, hamera ibiti by'ubwoko bwose byera imbuto ziribwa. Amababi yabyo ntiyuma, kandi imbuto zabyo ntizizashira: buri kwezi bizera imbuto; kuko amazi yawo aturuka ahera ho mu rusengeri.*

Kandi imbuto zabyo zizab'ibyokurya by'abantu, amababi yabyo abe ayo gukiza indwara" (Eze.47.12).

*"Nuko anyereka umugezi w'amazi y'ubugingo, abengerana nk'isarabwayi, asohoka munsu y'intebe y'Imana n'Umwana w'intama. Hagati y'inzira yaho, n'umugezi, ku mpande zawo, hari igiti cy'ubugingo, cyera imbuto **cumi n'ebiri**, cyera imbuto yacyo **buri kwezi**; kandi amababi y'igiti ni ayo gukiza amahanga"* (Ibyah.22.1-2).

Mu gihe cy'ingoma y'imyaka igihumbi, tubona ko hazasohora ingoma y'Imana, iyo ibyaremwe byose bizagiramo uruhare (Abar.8.18-22). icyo gihe ni bwo hazasohora ibyo abahanuzi bavuze bitaraba: *"kandi Uwiteka azaba ar'Umwami w'isi yose. icyo gihe Uwiteka azaba ari umwe gusa, kandi Izina rye rizaba rimwe"* (Zak.14.9).

"Kandi ubuturo bwanjye buzaba kuri bo, nzaba Imana yabo, na bo bazaba ubwoko bwanjye. Kandi amahanga yose azamenya ko jye ndi Uwiteka weza Isirayeri, ubwo ubuturo bwanjye bwera buzaba buri hagati yabo iteka ryose" (Eze.37.27-28).

"Dore ubuturo bw'Imana buri hamwe n'abantu, kandi azaturana na bo; babe ubwoko bwe, kandi Imana ubwayo izabana na bo, ibe Imana yabo. Kandi Imana izahanagura amarira yose ku maso yabo; kandi urupfu ntiruzongera kubaho ukundi; nta gupfusha, cyangwa gutaka, cyangwa kubabara bizabaho ukundi, kuko ibya mbere bizaba bitakiriho" (Ibyah.21.3-4).

"Urupfu ruzamirwa bunguri n'intsinzi, kandi Umwami, Uwiteka, azahanagura amarira ku maso yabo, kandi azakuraho igisuzuguriro cy'ubwoko bwe ku isi yose, kuko akanwa k'Uwiteka kabivuze" (Yes.25.8).

IHEREZO RY'IGIHE

Mbere y'umuzuko wa kabiri, no guca imanza, no kwinjira mu iteka ryose, Imana izabanza irangize bwa nyuma ikibazo ifitanye n'umwanzi Wayo ukomeye hamwe n'abamukurikiye bose. *“imyaka igihumbi nirangira, Satani azafungurwa, maze asohoke aje gushuka amahanga ari ku mpera enye z'isi, Gogi na Magogi, kugira ngo abateranirize intambara, ubwinshi bwabo bumeze nk'umusenyi wo ku nyanja”* (Ibyah.20.7-8). Aba ni ba bantu bazaba barabayeho ku isi kumara imyaka igihumbi, ariko bakaba nta na rimwe bigeze bemera gushyirwa mu mugambi w'Imana w'agakiza. Iyo umuntu asomye yitonze Ezekieri ibice bya 38 na 39, umuntu asanga bisa cyane **n'iby'intambara ya Harimagedoni, izaba, nk'uko tubizi, mbere y'uko ingoma y'imyaka igihumbi itangira**. Ugusa gukomeye kuri hagati ya Ezekieri 39.17-20 n'Ibyahishuwe 19.17-21. Mu by'ukuri, ibyo bihe uko ari bibiri, mbere na nyuma y'ingoma y'imyaka igihumbi, ni ba bantu bamwe n'ubundi bazamuka bakajya gutera Yerusalemu. Igihe cyose Satani yari akiboshye, baratuje. Ariko akimara kubohorwa, abagome bazemera yongere abategeke.

“Nuko barazamuka ku gice cy'ubutaka, bazenguruka inkambi y'abera n'umurwa ukundwa cyane, nuko umuriro umanuka uva mu ijuru ku Mana, maze urabatwika. Nuko Satani wabayobeje ajugunywa mu nyanja y'umuriro n'amazuku, ahari inyamaswa n'umuhanuzi w'ibinyoma, kandi bazababazwa, amanywa n'ijoro, ibihe bitabarika” (Ibyah.20.9-10).

Mbere y'uko igihe gisimburwa n'iteka ryose, hazabanza guca imanza kwa nyuma tubwirwa mu Byahishuwe 20:11. Abantu bose babayeho ku isi bazazuka bahagarare imbere y'Umucamanza uhoraho. Ibitabo bizabumburwa maze bacirwe urubanza rw'ibyo bakoze. Igitabo cy'ubugingo na cyo kizabumburwa, kuko igihe cyo kuzuka kwa kabiri, hariho abantu amazina yabo azasangwa mu gitabo cy'ubugingo. Igitabo cy'Umwana w'intama cyo cyanditswemo abazutse mu muzuko wa mbere; naho igitabo cy'ubugingo cyo kirimo abazinjira mu bugingo buhoraho nyuma y'umuzuko wa kabiri. Har'abantu bemeye Umwami Yesu igihe bari bakiriho, bityo bahabwa ubugingo buhoraho. Ibyo bireba abizeye Yesu Kristo bose, hatitawe ku matorero bari barimo. N'ubwo bizeraga Umwami Yesu nta buryarya, bakaba baramwakiriye nk'Umukiza n'Umucunguzi, bakomeje inzira zabo bwite, cyangwa se bagumye gukurikiza ibyo babwirwaga n'imyizerere inyuranye y'amadini, ntibitonder'Ijambo ry'Imana. N'ubwo nta ruhare bazagira mu ifunguro ry'ubukwe bw'Umwana w'intama no ku ngoma y'imyaka igihumbi, bazinjira mu bugingo buhoraho, kuko handitswe ngo: *“Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, yatanze Umwana Wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbika, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho”* (Yoh.3.16).

Naho abandi, Ijambo ry'Imana ribavugaho ryeruye: *“Uwasanzwe atanditswe mu gitabo cy'ubugingo, ajugunywa mu nyanja y'umuriro”* (Ibyah.20.15). Inyanja y'umuriro ni rwo rupfu rwa kabiri. Ibi na byo biranditswe: *“Urufu n'ikuzimu bijugunywa mu nyanja y'umuriro: inyanja y'umuriro ni rwo rupfu rwa kabiri”* (umur.4). Mur'iyi nyanja y'umuriro niho ya Nyamaswa, n'umuhanuzi w'ibinyoma, hamwe na Satani bazaba baramaze kujugunywa, aho bazababarizwa igihe kirekire. Ntabwo tuzi igihe igihano cyabo kizamara. Bishobora kuzamara igihe kitabarika. Ikibabaje ni uko ijambo *“aion”* ryo mu kigiriki

ryasobanuwe n'abasobanuzi benshi ba bibiliya bakoresheje ijambo "iteka ryose", nyamara rivuga igihe gifite ihererezo, ntabwo rivuga "iteka ryose".

Ibyo ari byo byose, icyo gihe kizagira ihererezo, byekuzongera kuvugwa ukundi mu iteka ryose. Ku bintu bifite itangiriro, byumvikana ko bigomba kugira n'iherezo, ijambo "aion" riramutse risobanuwe ko ari "ikinyejana", ryaba rikoreshejwe neza. Ariko ku bintu bitigeze bigira itangiriro, ni ukuvuga ko bihora iteka ryose, icyo gihe ijambo "aion" risobanuwe ko ari "iteka ryose" ni bwo ryaba rikoreshejwe neza. Uko ni ko uwigishwa n'Imana adashobora kwibeshya, n'ubwo umusemuzi wa bibiliya yaba yarabuze ijambo rikwiriye.

Urufu rwa mbere ruba iyo ubugingo buvuye mu mubiri w'umuntu. Igihe cy'urufu rwa kabiri, ni wa mwuka wahumetswe n'Imana wari mu bugingo usubira ku Mana. Icyo gihe ni bwo iri Jambo ry'Imana risohora ngo: "*Ubugingo buzacumura ni bwo buzapfa*" (Eze.18.4). Nta murongo n'umwe wa bibiliya uvuga ko umuntu afite ubugingo budapfa. Ibyo bivugwa ku Mana gusa: "...*Yo ifite kudapfa*" (1Tim.6:16). Ku bijyanye n'uku kuri nako, abadafite uburyarya bemeranya n'iri Jambo ry'Imana n'umutima wabo wose. Umwami n'Umukiza wacu Yesu yaravuze ati: "*Nababwiye ko muzapfira mu byaha byanyu, kuko nimutemera ko ari Jye, muzapfira mu byaha byanyu*" (Yoh.8.24). Ku bijyanye n'ubukozi bwa Kristo nk'Umwana w'umuntu n'Umuhanuzi, Mose yihanangirije abantu bikomeye ati: "...*igihe kizagera ubwo ubugingo bwose butazumvira uwo muhanuzi buzarimbura bugakurwa hagati bwoko*" (Ibyak. 3.21-23; Gutegeka 18.15-19).

Muri we ni ho honyine hari ubugingo buhora, kandi umuntu wahawe ubwo Bugingo ku bwo kuvuka ubwa kabiri, niwe wenyine ushobora kubaho iteka ryose. Ubugingo buhora ni ubugingo bw'Imana bwahishuriwe muri Yesu Kristo. Ubwo bugingo ntabwo bwigeze butangira, ni yo mpamvu budashobora no kugira ihererezo. "*kandi ubu ni bwo buhamya: Imana yaduhaye Ubugingo buhora, kandi ubwo Bugingo buri mu Mwana Wayo: Ufite Umwana afite Ubugingo, naho udafite Umwana w'Imana nta bugingo afite*" (1Yoh.5.11-12).

Tugomba kubivuga dukomeje ko nta muntu uzarimbuka kubera ko yavukiye mu cyaha kandi yakibayemo. Ikibazo cy'icyaha cyarakemuwe burundu. Kristo yahindutse icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhabwe gukiranuka kw'Imana (Abar.3.21-26). **Abatizera ko Imana yari muri Kristo kugira ngo ibone uko yiyunga n'abari mu isi, ko yababariye ibicumuro n'ibyaha byacu ikaduhindura abahungu n'abakobwa bayo, abo ni bo bonyine bazapfira mu byaha byabo** (Yoh.8.24).

Kwizera Yesu Kristo by'ukuri nk'Umwami n'Umukiza ntabwo ari umuhango wa kidini, ahubwo biri mu mugambi uhoraho w'Imana, uwo yageneye abari mu isi. **Muri Yesu Kristo ni ho honyine Imana yihishuriye ubwayo, ni yo mpamvu nta handi twabonera agakiza uretse muri We.** Ni yo mpamvu kwizera Kristo ari ngombwa cyane ku bashaka kuzabaho iteka ryose: "...*kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhora*" (Yoh.3.15).

Utazizera, azacirwaho iteka (Mariko 16.16). **Icyaha cyo kutizera ni cyo kizatuma abantu bapfa urufu rwa kabiri, ari rwo gutandukanywa n'Imana iteka ryose.** Ushaka gukiza

ubugingo bwe wese, ntakwiye kwishakira kwikiza mu buryo bwe cyangwa kwishingikiriza ku mirimo ye bwite, ahubwo akwiye kuza mu buruhukiro bw’Imana ku bw’imbaraga z’umurimo w’agakiza.

Nyuma y’urubanza rwa nyuma, nibwo ijuru rishya n’isi nshya bizaza (Ibyah.21.1). Abazaba babirimo ntabwo bazigera bibuka ukundi ibyariho mbere ku isi (Yes.65.17). Bizaba ari itangiriro rishya, igitondo gihebuje kitazigera kibona izuba rirenga ukundi, nta ndwara, nta kubabara, nta mpararara cyangwa urupfu (Ibyah.21.4). Hahirwa abazashobora kubaho iteka ryose mur’ubwo bwiza butagira ikiburogoya (Ibyah.22.14). Gukorera Umwami ni iby’igiciro: hazabaho kongera kubonana bihebuje kw’abo yakunze, bamukunze, kandi bakundanye. Urukundo rwuzuye ni rwo rwonyine ruzinjira aho hantu.

Amajuru mashya n’isi nshya byavuzwe mu Isezerano rya cyera no mu Isezerano rishya; **ariko igihe nikirangira, ni ukuvuga nyuma y’ingoma y’imyaka igihumbi, no guca imanza kwa nyuma, ni bwo bizahamagarwa bibeho ku bw’Ijambo ry’Imana.** *“Iby’ijisho ritabonye, n’ugutwi ntikumve, ibitarigeze bizamuka mu mutima w’umuntu, ibyo Imana yateguriye abayikunda”* (1Abakor.2.9).

Rev. E. Frank
P.O. Box 100707
47707 Krefeld
Germany

Byashyizwe mu Kinyarwanda na Missionnaire Network....